

2022-2023

# **Amategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri**

[WWW.DAYTONPUBLIC.COM](http://WWW.DAYTONPUBLIC.COM)



136 S. Ludlow Street · Dayton OH 45402-1812  
Telephone (937) 542-3164 · Fagisi (937) 542-3188  
Imeyiri: [ejlolli@daytonpublic.com](mailto:ejlolli@daytonpublic.com)

1 Kanama 2022

Ku babyeyi barerera mu mashuri ya leta ya Dayton:

Amategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri y'ishuri rya Dayton Public Schools ni igitabo ngenderwaho ku myitwarire n'ikinyabupfura by'umunyeshuri. Kirasuzumwa kandi kikavugururwa buri mwaka kugira ngo ibikubiyemo bihure n'amategeko ari gukurikizwa muri Ohio n'ingamba z'ifasi y'amashuri. Mu itegurwa rya mbere ry'amategeko ngengamyitwarire, ifasi y'amashuri yatumiye itsinda ry'ababyeyi, abarimu, abanyeshuri, abagize umuryango mugari, abayobozi b'amashuri n'abayobozi b'ibiro by'ishuri batandukanye kugira ngo basuzume amategeko ngengamyitwarire banatange inama. Iyi nyandiko ni umusaruro w'ibyo bikorwa n'amavugurura aheruka gukorwa biturutse mu isuzuma rikorwa buri mwaka.

Amategeko ngengamyitwarire agamije gushyiraho no gutuma ishuri riba ahantu hadaheza, aho abakozi n'abanyeshuri bakorana kandi bakubaha uburenganzira bw'abandi. Kimwe mu bigize sisitemu y'ubufasha bwacu ni Ukugira ishuri rirangwa n'ibyiza ku banyeshuri biga mu wa K-12 n'ikinyabupfura kiboneye ku banyeshuri biga mu mashuri y'incuke. Byombi bituma haboneka imyitwarire myiza no gukemura amakimbirane abanyeshuri bigishijwe kubaha no kugira imyitwarire iboneye mu ishuri no mu miryango migari baturukamo.

Turizera neza ko amakuru avuguruye yongerewe mu Mategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri azanoza imikorere isanzweho.

Niba ufite ikibazo cyerekeye Amategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri y'ishuri rya DPS, ntuzuyaze kubitumenya uduhamagaye kuri (937) 542-3549 cyangwa (937) 542-7004.

Dutegerezanyije amatsiko yo guha serivisi umuryango wawe kandi turifuriza amahirwe abanyeshuri bacu mu mwaka w'amashuri mwiza utarimo ibibazo by'ikinyabupfura.

Mugire amahoro.

*Elizabeth J. Lolli*

Umuyobozi w'amashuri ya leta ya Dayton





Intego y'amashuri ya leta ya Dayton ni ugutuma ***buri munyeshuri yiteguye kuja muri koreje no kuba umuturage witeguye amaze*** guhabwa impamyabumenyi. Ibitekerezo bitandatu byavuzwe haruguru bashyizwe mu bikorwa kugira ngo iyi ntego igerweho. Igitabo cy'Amategako ngengamytwarire y'umunyeshuri ni kimwe mu bikoresho bikoreshwa mu kugira **UMUCO** ushyigikira kugira ishuri rirangwa n'ibyiza binyuze mu:

- Gushyira mu bikorwa uburyo butanga umusaruro bwo gucunga icyumba cy'ishuri
- Gutuma habaho umwuka mwiza kandi w'umutekano ku ishuri
- Kwishimira ibyiza byagezweho
- Gutuma abanyeshuri bakomeza kuzana imbere y'ibindi byose

# Imbonerahamwe ya DPS

Kugenzura imyitwarire yateza ikibazo

Hari imyitwarire yo mu *cyumba cy'ishuri cyangwa ibiro* yacuzunze?

**Icyumba cy'ishuri cyacuzunze**

- Kubaho bwa 1:**
- Kongerera kugaga amategeko / imyitwarire yitezwe
  - Kongerera guha amabwiriza umunyeshuri yo gukurikiza amategeko
  - Kwemera ko umunyeshuri ari kubahiriza amategeko

**Kubaho kwa 2 kw'imyitwarire imwe:**

- Kongerera guha amabwiriza umunyeshuri yo gukurikiza amategeko
- Kongerera kwigisha imyitwarire yitezwe
- Uburyo bw'imyitwarire yitezwe**
- Kwemera ko umunyeshuri ari kubahiriza amategeko

**Kubaho kwa 3 kw'imyitwarire imwe:**

- Kongerera guha amabwiriza umunyeshuri yo gukurikiza amategeko
- Uburyo bw'imyitwarire yitezwe
- Kwemera ko umunyeshuri ari kubahiriza amategeko
- Gutanga igihe cyo gutekereza (kubifashwamo n'umwarimu)**
- Inama y'abanyeshuri**

**Imyitwarire yakosowe?**

YEGO

OYA

- Gusubira ku ishuri
- Kwemera ko akora imikoro atakoze
- Gushyiraho inzira yo kongera kwinjira
- Kwemera imyitwarire yitezwe ku gipimo cyo hejuru

**Kubaho kwa 4 kw'imyitwarire imwe:**

- Guhamagara umubyeyi
- Kurangiza igikorwa cyo gushyikiriza umunyeshuri ibiro bibishinzwe

**ICYUMBA CY'ISHURI CYAGENZUWE (Ibyaha byo mu rwego rwa 1)**

**ICYUMBA CY'ISHURI CYANGWA IBIRO BYACUNZWE (Ibyaha byo mu rwego rwa 2)**

**IBIRO BYACUNZWE (Ibyaha byo mu rwego rwa 3)**

**Ibiro byacuzunze (Umuyobozi)**

Imyitwarire ibangamye	Uburiganya mu by'imyigire	Gutwika bigambiriwe Gukubita/Gukomeretsa
Gutinga bikabije	Kwangiza imitungo	Gukangisha bombe / Impuruzza itari yo
Imyambarire	Kurwana/ Gushishikariza kurwana	Ubwambuzi
Kutumvira	Kwigana/ Guhindura inyandiko	Gukanga/ Gukanga hakoreshejwe interineta/ Iteshamutwe/ Kunnyuzura/ Iterabwoba
Kurenga ku mategeko agenga parikingi no kugendera mu muhanda	Ibidakwiye: Imyitwarire yo muri bisi Imkoreshereze ya interineta Amakuru Ikoreshwa ry'ibikoresho by'ikoranabuhanga	Imyitwarire itari iyo mu masaha y'ishuri cyangwa ya kure y'ishuri Imyitwarire y'agatsiko
Kurenga ku mategeko agenga aho ishuri rihereyerere	Gukoresha imbuga mpuzambaga	Iteshamutwe/ Iterabwoba Kugenda biguruntege / Kwinjira ahantu nta burenganzira
Ibikoazoni	Kugira uruhare mu bikorwa bibangamye	Ibiyobyabwenge no kunywa ibisindisha
Gusiba ishuri	Kuva ku ishuri cyangwa mu cyumba cy'ishuri nta ruhushya	Intwari n'ibisa na zo Ibikoresho biturika Kubangamira ishuri
	Gukina urusimbi	Gukomeretsa umubiri ku buryo bukomeye
	Ibikomoka ku itabi	Imyitwarire idahwitse ishingiyeye ku gitsina
	Gusubira kurenga ku mategeko agenga ishuri	Imyitwarire idahwitse ishingiyeye ku gitsina itifuzwa
	Gukanga abakozi cyangwa abanyeshuri	Ubujujura/ Kugerageza kwiba/ Ubunyamwuga
	Kubwira amagambo mabi umukozi	Kwangiza imitungo y'abandi Kurenga ku masezerano y'ishuri

- Kurangiza kumwohereza mu Biro Taransiferi
- Guhamagara umubyeyi
- Guhamagara ibiro (Niba ari ngombwa)

- Umuyobozi akora iperereza no kugira ngo amenye icyemezo gikwiye hakoreshejwe imbonerahamwe y'ubufasha bwo gukumira imyitwarire mibi y'ifasi y'amashuri.

**Guhamagara umubyeyi bigomba gukorwa kuri taransiferi zose.**

# Ubufasha mu by'indimi

"Amashuri ya leta ya Dayton rifite ubufasha mu by'indimi buboneka ku buntu ku babyeyi batazi neza icyongereza (LEP) ku bijyanye na gahunda n'ibikorwa by'ishuri. Kugira ngo wuzuze ibisabwa ngo uhabwe ubufasha, umubyeyi ntabwo agomba kuba atazi kuvuga, gusoma, kwandika cyangwa kumva icyongereza neza kugira ngo abashe gufatw nka LEP, ahubwo biba ngombwa gusa iyo umubyeyi adafite ubumenyi buhagije mu kintu kimwe (1) kugira ngo yemerwe guhabwa ubufasha mu by'indimi bukenewe. Ishuri rya Dayton Public Schools ryemera ibyemezwa n'umubyeyi ko akeneye ubufasha mu by'indimi nta gusaba ibindi bibyemeza."

(Icyesipanyoro)

"Las Escuelas Públicas de Dayton tienen ayuda lingüística gratuita disponible para padres con Dominio Limitado del Inglés (LEP) con respecto a los programas y actividades escolares. Para ser elegible para ayuda, un padre no tiene que ser de dominio limitado del inglés para hablar, leer, escribir y comprender inglés para ser considerado LEP, sino que es necesario que un padre sea limitado al menos una (1) de estas áreas para ser elegible para recibir ayuda lingüística según sea necesario. Las Escuelas Públicas de Dayton aceptarán la afirmación de un padre de que él o ella necesita ayuda con el idioma sin requerir corroboración adicional."

(Icyarabu)

توفر مدارس Dayton Public Schools المساعدة اللغوية المجانية المتاحة لأولياء أمور اللغة الانجليزية المحدودة (LEP) فيما يتعلق بالبرامج والانشطة المدرسية لكي يكون احد الوالدين مؤهلا للحصول على المساعدة . يجب أن يكون محدودا في إتقان اللغة الانجليزية في التحدث والقراءة والكتابة وفهم اللغة الانجليزية من اجل اعتباره LEP ولكن لا بد من ذلك من الضروري فقط ان يكون احد الوالدين محدودا على الاقل واحد (1) من هذه المجالات لتكون مؤهلة لتلقي مساعدة لغوية حسب الحاجة تقبل مدارس Dayton Public Schools تأكيد الوالدين على أنه يحتاج إلى المساعدة للحصول اتصل على.

(Igiswahiri)

Shule za umma za Dayton zina msaada wa lugha ya bure kwa wazazi wenye na matatizo ya lugha ya kiingereza kuhusiana na programu za mashule na shughuli zingine .uhusiana. Ili kuwa upate msaada, mzazi hana lazima awe na uelewa

lugha ya Kiingereza katika kuzungumza, kusoma, kuandika na kufahamu Kiingereza ili kuzingatiwa LEP, lakini, badala yake, hayiko muhimu tu kwamba mzazi awe hajaze swala moja (1) ya maeneo haya ili uweze kustahili kusaidiwa na lugha kama inahitajika. Shule za Umma za Dayton zitakubali kuthibitisha mzazi kwamba anahitaji usaidizi wa lugha bila kuhitaji usaidizi wa ziada."

(Igifaransa)

Les écoles publiques de Dayton offrent une aide linguistique gratuite aux parents dont la connaissance de l'Anglais est limitée en ce qui concerne les programmes et les activités scolaires. Pour être admissible à l'aide, un parent ne doit pas avoir une connaissance limitée de l'Anglais pour parlé, lire écrire et comprendre l'anglais afin d'être considéré comme (LEP) mais, plutôt, il est seulement nécessaire que le parent a une connaissance limitée au moins dans l'une (1) de ces domaines afin d'être admissible à une aide linguistique au besoin. Les écoles publiques de Dayton accepteront l'affirmation d'un parent selon laquelle il ou elle a besoin d'une aide linguistique sans exiger de corroboration supplémentaire.

(Ikinyarwanda/Ikirundi)

Ibigo by'amashuri ya leta yo muri Dayton atanga ubufasha mu byerekeye urulimi ku buntu ku babyeyi batumva neza urulimi rw'icyongereza. Kugirango bamenye ibyerekeye amashuri n'ibindi bikorwa. Kugirango ubone ubwo bufasha, Umubyeyi ntabwo agomba gusa kuba atumva neza urulimi ari mu kuvuga, gusoma, kuandika no gusobanukirwa icyongereza kugirango ubone ubwo bufasha, uhubwo hakenerwa ko uwo umubyeyi aba atujuje kimwe mu byavuzwe hejuru kugirango abone ubufasha mu byerekeye urulimi. Ibigo by'amashuri ya leta yo muri Dayton bizemera ko umubyeyi akeneye ubufasha nta yandi mananiza.



# Ibirimo

<b>Icyerekezo cyo kugira ishuri rirangwa n'ibyiza</b>	1
Amashuri ya leta ya Dayton	1
Icyo <i>Amategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri</i> agamije	1
Ibitekerezo by'amashuri ya leta ya Dayton ku Mategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri n'ikinyabupfura	1
Imyitwarire yitezwe n'ingero	2
Imbonerahamwe y'ikinyabupfura	3
<b>Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa ku byaha byo mu rwego rwa I</b>	5
Imyitwarire ibangamye (Itegeko ry' 110)	5
Gutinda bikabije (Itegeko ry' 113)	5
Gutinda bikabije bisobanurwa nko:	5
Kurenga ku mategeko agenga guparika no kugendera mu muhanda (Itegeko ry' 116)	5
Kurenga ku mategeko agenga aho ishuri rihereye (Itegeko ry' 119)	5
Imyambarire (Itegeko ry' 126)	6
Kutumvira (Itegeko ry' 147)	6
Ibiterasoni (Itegeko ry' 156)	6
Gusiba ishuri (Itegeko ry' 168)	6
<b>Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa ku byaha byo mu rwego rwa II</b>	7
Uburiganya mu by'amashuri (Itegeko rya 220)	7
Kwangiza imitungo y'ishuri (Itegeko rya 223)	7
Kurwana (Itegeko rya 229)	7
Kwigana/Guhindura inyandiko (Itegeko rya 232)	7
Imyitwarire idahwitse muri bisi (Itegeko rya 235)	8
Gukoresha interineti mu buryo butaboneye (Itegeko rya 236)	8
Gukoranaho mu buryo butaboneye (Itegeko rya 238)	8
Gukoresha ibikoreho by'ikoranabuhanga mu buryo butaboneye (Itegeko rya 241)	8
Gushoza imirwano cyangwa kugira uruhare mu bikorwa bibangamye (Itegeko rya 244)	8
Kugira uruhare mu bikorwa bibangamye (Itegeko rya 245)	8
Kuva ku ishuri nta ruhushya uhawe (Itegeko rya 250)	8
Gukina urusimbi (Itegeko rya 251)	8
Gutunga/Kunywa itabi cyangwa ibikomoka ku itabi (Itegeko rya 253)	9
Gukoresha imbuga mpuzambaga ku buryo butaboneye (Itegeko rya 256)	9
Gusubira kurenga ku mategeko agenga ishuri (Itegeko rya 259)	9
Gutera ubwoba abakozi (Itegeko rya 262)	9
Gutera ubwoba umunyeshuri (Itegeko rya 265)	9
Kubwira amagambo mabi umukozi/umunyeshuri (Itegeko rya 271)	9
Kuva mu ishuri nta uruhushya ubiherewe/Kutza mu ishuri (Itegeko rya 281)	9

<b>Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa ku byaha byo mu rwego rwa III</b>	10
Gutwika ku bushake (Itegeko rya 327)	10
Gukubita/Gukomeretsa (Itegeko rya 330)	10
Gukangisha gutera bombe/Impuruzza itari yo (Itegeko rya 333)	10
Gukanga/Gukanga hakoreshejwe interineti/Iteshamutwe/Kunnyuzura/Gutera ubwoba (Itegeko rya 336)	10
Imyitwarire itari iyo mu masaha y'ishuri cyangwa ya kure y'ishuri (Itegeko rya 339)	11
Ibikoresho biturika cyangwa byatera inkongi y'umuriro (Itegeko rya 342)	11
Ubwambuzi (Itegeko rya 345)	11
Ibikoresho bimeze nk'imbunda (Itegeko rya 348)	11
Imyitwarire y'agatsiko (Itegeko rya 354)	11
Iteshamutwe/Iterabwoba (Itegeko rya 357)	12
Kugenda biguruntege/Kwinjira nta burenganzira (Itegeko rya 360)	12
Gutunga/Kugambirira kugurisha/Kugurisha/Gukwirakwiza/Kunywa imiti igenzurwa (Itegeko rya 363)	12
Gutunga/Kugambirira kugurisha/Kugurisha/Gukwirakwiza ibikoresha mu kunywa ibiyobyabwenge/ Ibisa na byo/Imiti itagenzurwa (Itegeko rya 366)	13
Gutunga/Gukora ibikorwa wanyoye ibisindisha (Itegeko rya 369)	13
Gutunga/Gukoresha intwaro zateza ibyago/Ibisa nk'intwaro/Igikoresho cyateza inkongi y'umuriro (kitari imbunda) (Itegeko rya 372)	13
Gutunga/Gukoresha/Kugurisha/Gukwirakwiza imbunda (Itegeko rya 375)	13
Gutunga/Gukoresha/Kugurisha/Gukwirakwiza intwaro zishobora guteza ibyago (Icyuma) itari imbunda cyangwa ibiturika, ibyateza inkongi y'umuriro cyangwa gaze y'ubumara (Itegeko rya 378)	14
Kubangamira ishuri (Itegeko rya 381)	14
Gukomeretse umubiri ku buryo bukomeye (Itegeko rya 384)	14
Imyitwarire igishingiye ku gitsina idahwitse (Itegeko rya 387)	14
Imyitwarire ishingiye ku gitsina itifuzwa (Itegeko rya 390)	14
Ubujura/Kugerageza kwiba/Gutunga ibitari ibyawe (Itegeko rya 393)	15
Kwangiza imitungo y'abandi (Itegeko rya 396)	15
Kurenga ku masezerano akurikizwa ku kigo cy'ishuri cyose (Itegeko rya 399)	15
Imikoreshereze ya mudasobwa na interineti	16
Gusiba no kutaza ku ishuri	16
Inyunguramagambo	18
Umutekano w'inyubako	21
Ibikorwa n'ifasi y'amashuri bikurikira imyitwarire idahwitse y'umunyeshuri	21
Ibyo ababyeyi bagomba kwitega	21
Gukurwa ku ishuri mu buryo bwihuse	22
Guhagarikwa utari ku ishuri	22
Gushyirwa mu yindi porogaramu aho kwirukanwa ku ishuri	22
Uburyo bwo kujurira O.R.C. 3313.66 (E)	23
Kwirukanwa ku ishuri burundu	24
Guhagarikwa no kwirukanwa ku banyeshuri bafite ubumuga	24
Ikinyabupfura ku bari muri porogaramu za PreK-3	24
Ingamba za JFCK - Ikoreshwa ry'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho n'abanyeshuri	25



## Icyerekezo cyo kugira ishuri rirangwa n'ibyiza

*Ikigo cy'igihugu gishinzwe iby'imyitwarire myiza ku ishuri (NSCC) gisobanura imyitwarire myiza yo ku ishuri nk'"ubwiza n'ibiranga ubuzima bwo ku ishuri." Ni uburyo bwo wumva inyubako imeze iyo uyinjijemo. Ni uburyo abanyeshuri bavugana hagati yabo. Ni uburyo abantu bakuru bashyigikirana n'uburyo bakorana n'abana. Iyo ishuri rirangwa n'ibyiza, buri wese yumva abifitemo uruhare kandi atekanye, yubyashwe; buri wese akagera ku ntego."*

### Amashuri ya leta ya Dayton

Dutanga Amategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri ateza imbere ishuri rirangwa n'ibyiza binyuze mu micungire y'icyumba cy'ishuri iranga umusaruro, kwishimira ibyiza byagezweho no gushyira abanyeshuri imbere y'ibindi byose.

- Kugira ngo hakoreshwe imvugo idahindagurika isobanutse, ibyitezwe bigaragara n'amabwiriza agenga imyitwarire y'abanyeshuri, ibikorwa no gukomeza gutanga ibihano bikomeye ku badafite ikinyabupfura.
- Kugira ngo hatangwe umurongo uri mu byiciro n'ubufasha bukomeza gutangwa bikazatuma:
  - Hiyongera imyitwarire myiza, imitsindire y'amasomo no kugumana abakozi
  - Kunoza umutekano, ubumenyi mu by'amarangamutima yerekeye iby'imibanire n'umusaruro ku barimu

### Ibitekerezo by'amashuri ya leta ya Dayton ku Mategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri/ikinyabupfura

Ababyeyi, imiryango migari n'amashuri bagira uruhare rukomeye mu guha umurongo imyitwarire y'abanyeshuri. Gutuma umunyeshuri agira ikinyabupfura ku bwe ni intego yemewe kandi yubaka uburezi. Amashuri agomba gukomeza kugendera ku mabwiriza ngenderwaho agenga imyitwarire n'ikinyabupfura mu guharanira ko abanyeshuri n'abakozi b'ishuri bagira aho kwigira hatekanye kandi hari ku murongo. Abanyeshuri bose bafite uburenganzira bwo kwiga kandi nta munyeshuri ufite uburenganzira bwo kubangamira imyigire y'abandi. Bityo, abanyeshuri babujijwe kubangamira cyangwa kwishora mu myitwarire yashyira mu kaga umutekano w'abandi. Harimo imyitwarire iba mbere na nyuma y'ishuri, ibera mu nyubako z'ishuri, ku mitungo y'ishuri, muri porogaramu zijyanye n'ishuri, mu nzira zijya cyangwa ziva ku ishuri no mu modoka z'ishuri cyangwa bisi z'akarere zizana zikanacyura abanyeshuri.

**Amategeko ngengamyitwarire y'umunyeshuri** atanga ingero z'imyitwarire yitezwe, ibisobanuro by'ibyaha (harimo ibyo icyumba cy'ishuri cyangwa ibiro byahosheje), n'ingamba zo gukosora abakoze amakosa. Ibisobanuro bimwe na bimwe birimo ingero zitagamije kuba urutonde rurambuye; bikaba bisobanuye ko imyitwarire yavuzwe mu busobanuro, irimo ariko itagarukiye gusa ku ngero zatanzwe. Amashuri ya leta ya

Dayton yose afite amategako ngengamytwarire yihariye kuri buri shuri yerekeye ibikorwa bitari mu mfashanyigisho ndetse n'ibikorwa byunganira imfashanyigisho.

Gushyiraho imirongo yitezwe yagaragajwe ku buryo bwagutse, bireba abanyeshuri bose mu bigo by'amashuri byose bikanasobanura uburyo rusange abanyeshuri bagomba kwitwaramo ko ari bwo shingiro ryo kubaka ikigo cy'ishuri kirangwa n'imytwarire myiza. Ibyiza, hari ibintu bitatu bigomba gutuma iyi ngingo igerwaho. Ifasi y'amashuri yashyizeho ibyitezwe bigenderwaho bigera kuri bitatu:

## ***Gira umutekano, Rangwa no kubaha kandi Ugire inshingano***

Reba ingero zikurikira:

### **Imytwarire yitezwe n'ingero**

#### **1. Gira umutekano**

Urugero: *Wikoresha intoki, ibirenge n'ibintu utabikoza ku bandi*

#### **2. Rangwa no kubaha**

Urugero: *Umva neza amabwiriza kandi uyakurikize*

#### **3. Gira inshingano**

Urugero: *Ikorere isuku*

Imbonerahamwe y'imytwarire ikurikira ishobora gukoreshwa mu kugaragaza amabwiriza n'inzira zikoreshwa ahantu hatandukanye mu nyubako.

	<b>Kantine</b>	<b>Koridoro</b>	<b>Ikibuga</b>
<b>Gira Umutekano</b>	Kwinjira no goshoka ugendera ku murongo	Genda kandi ugumisha amaboko yawe n'amaguru yawe utabikoza ku bandi	Koresha ibikoresho byo ku kibuga mu buryo buboneye kandi butekanye
<b>Gira Kubaha</b>	Gabanya ijwi urishyire ku rwego rwa 1	Komeza gutuma za korodoro zigira isuku	Na we koresha amagambo meza ku bandi
<b>Gira Inshingano</b>	Tuma kantine ikomeza kugira isuku	Hita ugana aho ugiye	Jya ku murongo ako kanya

Imbonerahamwe ikurikira igizwe n'ibintu bitandukanye n'ingamba zijyanye na sisitemu n'izihariye kugira ngo hashimangirwe imyitwarire yifuzwa, hagabanywe igaruka ry'imyitwarire ibangamye no kwigisha imyitwarire iboneye abanyeshuri bese.

<b>Ingamba zo kwirinda</b>	
<ul style="list-style-type: none"> <li>Kwigisha imyitwarire yitezwe</li> <li>Gukoresha uburyo bwo kugenzura imyitwarire</li> <li>Gutanga imfashanyigisho irimo ubumenyi mu by'imibanire</li> <li>Gutanga ibikorwa byo kunoza imyitwarire</li> <li>Koresha uburyo bwo gushimira</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Gusangiza ibyitezwe ku myitwarire</li> <li>Guhuza uburyo bwo kugenzura ikinyabupfura</li> <li>Gushyiraho uburyo bwo guhana amakuru n'abo mu rugo no ku ishuri</li> <li>Guha abakozi ubumenyi bwa kinyamwuga bujyanye n'umuco</li> </ul>
<b>Intambwe z'ibikorwa byo gukomeza gutanga ibihano bikomeye ku bafite ikinyabupfura gike</b>	
<i>Icyaha cya mbere cyo mu rwego rwa mbere</i>	
<ul style="list-style-type: none"> <li>Kongerera kwigisha imyitwarire yitezwe</li> <li>Kugirana inama n'umubyeyi</li> <li>Kuvanaho uburenganzira bwihariye</li> <li>Gusuzuma ingamba zo kwirinda hamwe n'abakozi</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kugirana inama n'umunyeshuri</li> <li>Gutuma umunyeshuri akora igikorwa cyo kwitekerezaho</li> <li>Gukoresha igihe cy'akaruhuko</li> </ul>
<i>Icyaha cya kabiri cyo mu rwego rwa mbere cyangwa icyaha cya mbere cyo ku rwego rwa kabiri (ibikorwa byose byavuzwe ahakurikira byiyongera ku ngamba zavuzwe haruguru)</i>	
<ul style="list-style-type: none"> <li>Bisaba indishyi</li> <li>Bisaba ko umunyeshuri akora imirimo ifitiye inyungu abatwaga</li> <li>Hakoreshwa gufunga</li> <li>Guha abakozi ubumenyi bwa kinyamwuga bujyanye n'imyitwarire</li> <li>Kumujyana ku biro bibishinzwe</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Gutanga inama cyangwa ubuhoza bukoze n'inshuti</li> <li>Gukoresha ifisi yo kwiyandikisha winjira/usohoka</li> <li>Gukoresha amasezerano y'imyitwarire cyangwa raporo ya buri muni</li> <li>Gutanga ubufasha</li> <li>Gukoresha ingamba zo guhana bigamije gusubiza uwakoresheje ku murongo</li> </ul>
<i>Icyaha cya gatatu cyo mu rwego rwa mbere cyangwa icyaha cya mbere cyo ku rwego rwa kabiri (byiyongera ku ngamba zavuzwe haruguru)</i>	
<ul style="list-style-type: none"> <li>Kumujyana ku biro bibishinzwe</li> <li>Kumujyana ku bajyanama</li> <li>Kumukorera isuzuma ry'imyitwarire/gahunda y'ubufasha</li> <li>Kumukumira/kumukura mu bikorwa</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Gushyira mu bikorwa ibikorwa byo gusubiza abavuye ku murongo</li> <li>Kumujyana ku itsinda rishinzwe inyubako</li> <li>Gukoresha amasezerano y'imyitwarire</li> <li>Guha abakozi ubumenyi bwa kinyamwuga</li> <li>Gutanga ubufasha bugamije gukemura ikibazo</li> </ul>
<i>Icyaha cya gatatu cyo mu rwego rwa kabiri cyangwa icyaha cya mbere cyo ku rwego rwa gatatu (byiyongera ku ngamba zavuzwe haruguru)</i>	
<ul style="list-style-type: none"> <li>Gushyira mu bikorwa gahunda yo guhagarika umunyeshuri ari cyangwa atari ku ishuri (iminsi mike)</li> <li>Guha abakozi ubumenyi bwa kinyamwuga bwo gucunga imyitwarire yihariye</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kumujyana ku kigo kivura indwara zo mu mutwe</li> <li>Kumujyana ku itsinda rishinzwe gutanga ubufasha</li> </ul>

<ul style="list-style-type: none"> <li>Gutanga ubufasha bukomeye</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kora ibishoboka utange inama y'uko yakwirukanwa</li> </ul>
<b><i>Icyaha cya kane cyo mu rwego rwa kabiri cyangwa icyaha cya kabiri cyo ku rwego rwa gatatu (byiyongera ku ngamba zavuzwe haruguru)</i></b>	
<ul style="list-style-type: none"> <li>Gushyira mu bikorwa gahunda yo kwirukana umunyeshuri (iminsi mike)</li> <li>Gutanga inama yo kwirukana umunyeshuri</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Kumushyira mu rindi shuri</li> <li>Kumushyira ikigo gikorera hanze/abashinzwe iyubahirizamategeko</li> </ul>
<b><i>Ibyaha byo ku rwego rwa gatatu cyangwa rurenga cyangwa urwa gatatu cyangwa rurenga (byiyongera ku ngamba zavuzwe haruguru)</i></b>	
<b><i>Kumuvana mu kumuhagarika ku ishuri, kumwirukana cyangwa kumujoyana ku rindi shuri</i></b>	

*Intambwe zagaragajwe haruguru ntabwo zirimo urutonde rurambuye rw'ingamba zateganyijwe. Ibintu bivugwa muri buri ntambwe ntabwo byagaragajwe uko bikurikirana/uko ibihano bigenda byongera ubukana. Icyakora, ingamba zigomba no gutangwa byibuze mu buryo burimo gukumira bishoboka.*

# Ibisobanuro by'amagambo

## *Ibyaha byo mu rwego rwa I*

**Ibyaha byo mu rwego rwa I :** Imyitwarire ishobora kugenzurirwa mu cyumba cy'ishuri ishobora kubuza ibikorwa gukorwa ku buryo bikurikirana mu kigo cy'ishuri icyo ari cyo cyose. Umunyeshuri washinjwe imyitwarire ifatwa ko ari icyaha cyo mu rwego rwa I agomba guhabwa ubufasha rusange kandi ntagomba kwirukanwa ku ishuri.

### **Imyitwarire ibangamye (Itegeko ry' 110)**

Gukora ibikorwa, kugaragaza imyitwarire cyangwa imico ku bushake mu ishuri cyangwa ku butaka bw'ishuri, uya cyangwa uva mu ishuri cyangwa mu gihe uri mu bikorwa bifite aho bihuriye n'ishuri bishobora kubangamira gato igikorwa cyo kwigisha. Bishobora kuba birimo gukora ku bandi nko gukubita cyangwa guhekana mapyisi, bikaba bitagera ku rwego rwo kurwana ndetse n'ubujura bworoheje butagera ku rugero ruvugwa mu Itegeko rya 393 nk'uko byateganyijwe n'umuyobozi w'inuyubako.

### **Gutinda bikabije (Itegeko ry' 113)**

Gukomeza kutaza ku ishuri inshuro nyinshi nta mpamvu yumvikana yatanzwe yaba ari ku ishuri cyangwa mu cyumba cy'ishuri cyangwa ahandi ho kwigira ntubashe kuhagerera igihe.

### **Gutinda bikabije bisobanurwa nko:**

- A) Gutinda nta mpamvu inshuro 7 zikurikiranye
- B) Gutinda nta mpamvu inshuro 10 mu kwezi kumwe
- C) Gutinda nta mpamvu inshuro 15 mu mwaka w'amashuri umwe

### **Kurenga ku mategeko agenga guparika no kugendera mu muhanda (Itegeko ry' 116)**

Guparika ku nyubako z'ishuri cyangwa mu myanya yagenewe guparikwamo nta ruhushya ubifitiye mu gihe cy'amasomo, ibikorwa bitari mu mfashanyigisho cyangwa mu gihe cy'ibikorwa by'ishuri byemewe birabujijwe. Buri munyeshuri uhitamo guparika imodoka mu nyubako z'ishuri agomba kugura uruhushya rwo guparika. Abanyeshuri bagura uruhushya rwo guparika bahabwa sitika n'amabwiriza yo guparika no kugendera mu muhanda. Impushya zo guparika zigomba kuvugururwa zimaze kurangiza igihe. Nta munyeshuri uparika kandi atabihereye impushya ku banyeshuri biga muri PK-8. Amashuri ya leta ya Dayton n'abakozi bayo ntabwo baryozwe uko byaba bimeze kose ibura cyangwa iyangirika ry'imodoka z'abanyeshuri cyangwa ibirimo byavuzwe ko byari mu modoka yaparitswe mu kigo cy'amashuri ya leta ya Dayton.

### **Kurenga ku mategeko agenga aho ishuri rihereye (Itegeko ry' 119)**

Kutubahiriza amategeko yashyizwe mu gukurikiza ibikorwa bibera mu kibuga, imyitwarire yo muri koridoro, imyitwarire ikwiye igihe abanyeshuri bahuriye hamwe, gukoresha uburiro cyangwa amategeko ngengamytwarire yihariye kuri buri nyubako cyangwa bisi/imodoka by'ishuri. Abanyeshuri bahamwe n'icyaha cyo kuba ibyitso (urug.: gufasha, gucira umugambi, kwitabira cyangwa gushishikariza) ukurenga

ku mategeko y'ishuri ayo ari yo yose na bo bahabwa ibihano bisa nk'iby'abanyeshuri bagiza uruhare rukomeye mu gukora ibyo byaha.

### **Imyambarire (Itegeko ry' 126)**

Kwambara cyangwa guca inzara, gusokozwa cyangwa kwiyogoshesha mu buryo bubangamira imyigishirize cyangwa kwiga kw'abandi birabujijwe. Harimo, ariko ntabwo bigarukira gusa ku kwambara masike za siki, ingofero, kwitwikira mu mutwe keretse ari impamvu z'idini, utwenda tugaragaza umukondo, imyenda igarukira mu matako hagati, amapantaro yambarirwa muni y'urukenyereho, kwitwikira mu maso hose n'imyenda yanditseho amagambo aganisha ku biyobyabwenge, ibisindisha, igitsina, y'urukozasoni/atanga ubutumwa bw'urwango. Kutubahiriza amategeko agenga kwambara impuzankano akurikizwa mu nyubako na byo birabujijwe. Mu gihe havutse ikibazo cy'ubuzima aho kwipfuka mu maso bisabwa, abanyeshuri bemerewe kwambara udupfukamunwa dutwikira amazuru, umunwa n'akananwa gusa.

### **Kutumvira (Itegeko ry' 147)**

Kwanga kubahiriza ubusabe bwumvikana butanzwe n'umukozi w'ishuri cyangwa gusuzugura amategeko rusange ayo ari yo yose y'ishuri, harimo amabwiriza akurikira atangwa n'abarimu, abakozi b'ishuri cyangwa abandi bakozi (urug.: kwanga kuva ahantu cyangwa kureka kugaragaza imyitwarire irimo gusagarira abandi/kubabangamira).

### **Ibiterasoni (Itegeko ry' 156)**

Kuvuga amagambo mabi cyangwa y'urukozasoni ukayavugira mu nyubako z'ishuri, muri bisi/imodoka z'ishuri cyangwa ku butaka bw'ishuri birabujijwe.

### **Gusiba ishuri (Itegeko ry' 168)**

Gusiba ni ukutaza ku ishuri nta mpamvu.



# Ibisobanuro by'amagambo

## *Ibyaha byo mu rwego rwa II*

**Ibyaha byo mu rwego rwa II** : (imyitwarire idahwitse ku buryo bukomeye) bivugwamo abanyeshuri bakora, bagerageza gukora, bafasha cyangwa bashishikariza ikorwa cyangwa bitabiriye mu buryo ubwo ari bwo bwose, nubwo batarangiza gukora ibyo byaha byasobanuwe muri iki gice. Umunyeshuri washinjijwe iyo myitwarire ashirwa mu cyiciro cy'abakoze icyaha cyo mu rwego rwa II ashobora gukurwa mu cyumba cy'ishuri cyangwa inyubako. Ikigenderwaho mu kuvanwa mu cyumba cy'ishuri (mu guhagarikwa ku ishuri) cyangwa ku ishuri (utari ku ishuri) bigomba kuba bisa. icyakora, amahitamo atihariye cyane agomba kubanzwa gutekerezwaho.

### **Uburiganya mu by'amashuri (Itegeko rya 220)**

Nta munyeshuri uzakoporora umukoro w'undi atamuvuzemo. Harimo umukoro yakoze mbere cyangwa igice cyawo, mu ibazwa cyangwa umukoro cyangwa kurebera ku nyandiko mu buryo butaboneye cyangwa gukura ibisubizo ahandi (urug.: Wikipedia).

### **Kwangiza imitungo y'ishuri (Itegeko rya 223)**

Kubura, kwangiza, guhindanya cyangwa gukoresha mu buryo butaboneye ibitabo, ibikoresho bya mediya, mudasobwa cyangwa ibikoresho bijyanye na mudasobwa, bifatwa nko kwangiza imitungo y'ishuri. Harimo imitungo yose y'amashuri ya leta ya Dayton.

### **Kurwana (Itegeko rya 229)**

Kurwana birimo kujya mu mitsi hagati y'abanyeshuri babiri cyangwa barenze, aho ibikorwa by'umunyeshuri bitagaragaza ko ari kwirwanaho ku buryo bwumvikana bifatwa nko kurwana. Hanarimo gufatanywa kujya mu kibazo kirimo kurwana hakoreshejwe imbaraga z'umubiri.

### **Kwigana/Guhindura inyandiko (Itegeko rya 232)**

Ibikorwa, harimo ariko bitagarukiye gusa ku kwigana amakuru yo ku ishuri, kwigana imikono, gukora cyangwa gutanga inyandikomvugo itari yo, kwigana, rusagwa cyangwa gukoresha umwirondoro w'ukoresha cyangwa amagambobanga kuri mudasobwa utabihereye uburenganzira bifatwa nko kwigana/guhindura inyandiko.

### **Imyitwarire idahwitse muri bisi (Itegeko rya 235)**

Imyitwarire iyo ari yo yose irangaza umushoferi wa bisi, igatuma habaho ikibazo cyateza ibyago cyangwa ikabangamira imikorere ikwiye ya bisi bifatwa nk'imyitwarire yo muri bisi idahwitse. Abanyeshuri bagomba kubahiriza amategeko agenga gukora ingendo y'Ishami rya Ohio (ODOT) amanitse muri bisi. Kurya, kunywa, kuva mu mwanya, kujyana inyamaswa cyangwa ibishyirwamo ibintu bikoze mu birahure, gucira, kujugunya ibintu ibyo ari byo byose, kurambura ibice by'umubiri ibyo ari byo byose binyuze mu idirishya rya bisi/imodoka y'ishuri cyangwa gukoresha umuryango wo gusohokeramo haramutse havutse ikibazo igihe nta kibazo cyavutse birabujijwe. Amategeko ya leta abuza ababyeyi cyangwa abandi bantu ku giti cyabo batabihereye uburenganzira mu kwinjira cyangwa kubangamira kwinjira cyangwa kugenda kw'abanyeshuri muri bisi z'ishuri ku buryo busanzwe. Igihe hari ikibazo kijyanye na bisi y'ishuri, ababyeyi

bagomba kubimenyesha umuyobozi w'inubako kugira ngo akemure izo mpungenge. Amashuri ya DPS abuzi gukoresha mu buryo burangaza ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite muri bisi z'amashuri ya DPS.

### **Gukoresha interineti mu buryo butaboneye (Itegeko rya 236)**

Abanyeshuri bose basabwa kubahiriza Ingamba zigenga imikoreshereze yemewe zashyizweho n'ifasi y'amashuri, zikaba ziboneka ku rubuga rw'amashuri rwa DPS.

### **Gukoranaho mu buryo butaboneye (Itegeko rya 238)**

Gufata, kukubita, gusunika, kuniga undi munyeshuri cyangwa umukozi bishobora gutuma akomereka ku mubiri ku buryo bukomeye, gukasesanyiriza, gukoranaho cyangwa gusomanira mu nyubako z'ishuri, ku butaka bw'ishuri, mu bikorwa bijyanye n'ishuri cyangwa muri kumwe muri bisi zitwaye banyeshuri muva cyangwa mujya mu bikorwa bifitanye isano n'ishuri birabujijwe.

### **Gukoresha/Gutungana telefone zigendanwa/ibikoresho by'ikoranabuhanga mu buryo butaboneye (Itegeko rya 241)**

Ikoresha ry'igikoresho cy'ikoranabuhanga mu buryo butubahiriza Ingamba zigenga imikoreshereze yemewe zashyizweho n'ifasi y'amashuri, ziboneka mu ngamba z'Inama y'ubuyobozi ya JFCK (Ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite). Izi ngamba zibuzi abanyeshuri gukoresha telefone zigendanwa, ekuteri (ekuteri bacomeka mu matwi, ibikoresho byo kwishimisha bigendanwa mu ntoki, radiyo, radiyo zikina CD/mp3 nibindi mu masaha yo kwiga. Ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite byose (harimo telefone zigendanwa) bigomba kuzimywa cyangwa bikabikwa ahantu habugenewe aho biboneye.

### **Gushoza imirwano cyangwa kugira uruhare mu bikorwa bibangamye (Itegeko rya 244)**

Gushishikariza ku bushake undi munyeshuri kujya mu mirwano cyangwa gukomeza gutesha abandi umutwe cyangwa kwamamaza imyitwarire idahwitse ku mpamvu iyo ari yo yose.

### **Kugira uruhare mu bikorwa bibangamye (Itegeko rya 245)**

Umunyeshuri ntagomba guteza cyangwa gukangisha guteza ibibangamye bikomeye cyangwa kubuza imikoreze cyangwa ibikorwa by'ishuri, harimo ibikorwa biri n'ibitari mu mfashanyigisho. Biba birimo guhamagara ukinisha umuntu, imvugo zishobora gutuma abantu bashya ubwoba no kwamamaza imyitwarire idahwitse ku mpamvu iyo ari yo yose, harimo ariko bitagarukiye gusa ku byamamaza hakoreshejwe imbuga mpuzambaga.

### **Kuva ku ishuri nta ruhushya uhawe (Itegeko rya 250)**

Kuva ku ishuri cyangwa ku butaka bw'ishuri mu ku muni wagenewe amasomo nta kubanza kubona uruhushya uruhawe n'umuyobozi cyangwa uhagarariye umuyobozi wagenwe cyangwa kutaza cyangwa ngo ugaruke mu ishuri cyangwa mu bikorwa by'ishuri. Harimo kugenda ugiye kurya.

### **Gukina urusimbi (Itegeko rya 251)**

Gusheta amafaranga cyangwa ibintu ku mikino y'amakaratiya, ibiviga muri uwo mukino cyangwa ibyo bikorwa cyangwa gutunga ibikoresho byifashishwa mu gukina urusimbi cyangwa bikoreshwa mu kunywa ibiyobyabwenge.

### **Gutunga/Kunywa itabi cyangwa ibikomoka ku itabi (Itegeko rya 253)**

Kunywa itabi cyangwa gukoresha ibikomoka ku itarbi birabujijwe ku butaka bwose n'imbere hose mu nyubako ndetse no mu modoka zitunzwe cyangwa zakodeshejwe n'ifasi y'amashuri. Gukoresha cyangwa gutunga ikintu cyose kimeze nk'itabi cyangwa gikomoka ku itabi mu gihe uri cyangwa ugeze ku nyubako z'ishuri birabujijwe. Itabi risobanurwa nk'ikintu kirimo itabi ricanye cyangwa ridacanye, ikigoma, inkono y'itabi, bidi, amatabi akorerwa muri Indoneziya, ibindi bicuruzwa birimo ubumara bwa nikotine, amasegereti y'ikoranabuhanga n'ibindi bikomoka ku itabi n'ubugoro binazwi nk'itabi ritagira umwotsi, dipu, irihekenywa n'iryinukirizwa mu miterere iyo ari yo yose harimo n'itabi rikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga.

### **Gukoresha imbuga mpuzambaga ku buryo butaboneye (Itegeko rya 256)**

Abanyeshuri bagomba kudakora, gutunganya, gufata amajwi n'amashusho, gutangaza cyangwa gukwirakwiza videwo, amashusho, amajwi yafashwe cyangwa ubundi buryo bwa mediya bwerekana imyitwarire yabujijwe n'Amategeko ngengamytwarire y'umunyeshuri yagaragaye mu nyubako z'ishuri cyangwa mu bikorwa by'ishuri harimo gujoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga by'ikigo cy'ishuri cyangwa bwite (ni ukuvuga mudasobwa zigendanwa, taburete, musomyi y'ikoranabuhanga, telefone zigendanwa kamera zifata videwo/amashusho). Kugaragaza iyo myitwarire ku mbuga mpuzambaga nka Facebook, YouTube, Instagram, Snapchat cyangwa izindi mbuga bimeze kimwe birabujijwe. Kugaragaza ibintu byose bigize imyitwarire ibujijwe bigomba guhita bimenyeshwa Umuyobozi w'ishuri cyangwa Umukozi wagenwe n'Umuyobozi w'ishuri. Kongera gutunganya cyangwa gukwirakwiza ibyo byafashwe na byo birabujijwe.

### **Gusubira kurenga ku mategeko agenga ishuri (Itegeko rya 259)**

Gukora ibyaha bine byibuze kabiri biba biri mu rwego rwa II cyangwa kurenga ku mategeko mpanabyaha.

### **Gutera ubwoba abakozi (Itegeko rya 262)**

Gutera ubwoba mu magambo cyangwa mu bikorwa ku bushake ugamije gukora ibikorwa by'ubugome ubikoreye umukozi cyangwa imitungo ye; kandi igikorwa cyose kigatuma habaho ubwoba bufite ishingiro kuri uwo mukozi.

### **Gutera ubwoba abanyeshuri (Itegeko rya 265)**

Gutera ubwoba mu magambo cyangwa mu bikorwa ku bushake ugamije gukora ibikorwa by'ubugome ubikoreye undi munyeshuri cyangwa imitungo ye; kandi igikorwa cyose kigatuma habaho ubwoba bufite ishingiro kuri uwo munyeshuri ko ashobora gukomeretswa cyangwa umutungo we ukangizwa bya vuba.

### **Kubwira amagambo mabi umukozi/umunyeshuri (Itegeko rya 271)**

Kuvuga amagambo y'urukozasoni cyangwa gutukana cyangwa ibimenyetso bikoreye umukozi w'amashuri ya leta ya Dayton, umukorerabushake, umushyitsi, umunyeshuri, umwarimu cyangwa umushoferi wa bisu.

### **Kuva mu ishuri nta uruhushya ubiherewe/Kutza mu ishuri (Itegeko rya 281)**

Kuva mu ishuri mu gihe cyo kwiga cyagenwe nta kubanza kubona uruhushya uruhawe n'umwarimu cyangwa kutaza cyangwa tukagaruka mu bikorwa byo mu ishuri. Harimo kutabasha kuza mu ishuri.

# Ibisobanuro by'amagambo

## *Ibyaha byo mu rwego rwa III*

**Ibyaha byo mu rwego rwa III** - (bitemewe n'amategeko cyangwa bikomeye...cyangwa bishobora gushyira ubuzima mu kaga [ku mubiri cyangwa mu mutwe] nk'uko bisobanurwa n'amategeko ya leta, intara cyangwa igihugu cyangwa amabwiriza y'ishuri). Umunyeshuri washinjijwe iyo myitwarire ashirwa mu cyiciro cy'abakoze icyaha cyo mu rwego rwa III ashobora gukurwa ku ishuri ako kanya akanasabirwa kwirukanwa.

### **Gutwika ku bushake (Itegeko rya 327)**

Gukongeza inkongi y'umuriro cyangwa kugerageza gukongeza inkongi y'umuriro mitungo y'ishuri iyo ari yo yose yaba yarakodeshejwe cyangwa yaratswe nk'inguzanyo n'ifasi y'amashuri, cyangwa imitungo y'abanyu bakoreshwa n'ishuri cyangwa bari ku ishuri.

### **Gukubita/Gukomeretsa (Itegeko rya 330)**

Kwibasira umuntu ku mubiri bishobora gutuma akomereka bikomeye ku mubiri n'ibikorwa bitagaragara nko kwirwanaho ku buryo bwumvikana.

### **Gukangisha gutera bombe/Impuruza itari yo (Itegeko rya 333)**

Kuvuga amagambo uzi ko atari yo ku biyanywe no kugira ibikoresho biturika cyangwa ahantu hari buturitswe. Gutanga raporo ku nkongi y'umuriro igihe nta nkongi y'umuriro ihari kugira ngo hakoreshejwe sisitemu y'impuruza y'inkongi y'umuriro mu nyubako cyangwa bisi z'ishuri. Guhamagara bya baringa cyangwa bitaboneye 911.

### **Gukanga/Gukanga hakoreshejwe interineti/Iteshamutwe/Kunnyuzura/Gutera ubwoba (Itegeko rya 336)**

Kunnyuzura bisobanura gukora ibikorwa ibyo ari byo byose cyangwa guhatira undi, harimo uwakorewe icyaha cyo gukora igikorwa icyo ari cyo cyose cyo kwinjiza umunyeshuri uwo ari we wese cyangwa mu wundi muryango bigatuma cyangwa bigashyiraho ibyago bifatika byo gutuma umuntu uwo ari we wese ababazwa mu mutwe cyangwa ku mubiri. Muri ubu busobanuro, ijamba gukanga rikorwa mu mwanya wo guhoza ku nkeke cyangwa gutera ubwoba. Gukanga, iteshamutwe cyangwa gutera ubwoba ni ibikorwa bikozwe mu nyandiko, mu magambo cyangwa ku mubiri ku bushake aho umunyeshuri agaragariza undi muntu by'umwihariko umunyeshuri inshuro zirenze imwe. Igikorwa gikozwe ku bushake na cyo kirimo ubugome mu mubano ugamije gutereta. Imyitwarire ituma habaho kwangiza mu mutwe cyangwa ku mubiri undi umunyeshuri kibaba ari kibi bihagije, gihoraho cyangwa kigaragara gituma habaho gutera ubwoba, gukanga cyangwa kwangiza ahatangirwa amasomo ku wundi umunyeshuri. Iyi myitwarire irabujijwe mu nyubako z'ishuri cyangwa ku bikorwa byatewe inkunga n'ishuri. Ibikorwa bibujijwe by'ubwoko ubwo ari bwo bwose, harimo ibyo bikorwa bikorerwa kuri mudsabowa cyangwa ku bikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho, bidahuye n'ibikorwa cyo kwiga birabujijwe igihe cyose. Nta muyobozi, umwarimu cyangwa undi mukozi w'ifasi y'amashuri ugomba gushishikariza, kwemerera, kwirengagiza

cyangwa kwihanganira ibikorwa ibyo ari byo byose byo kunyuzura cyangwa gukanga. Nta banyeshuri, harimo abayobozi b'amashyirahamwe y'abanyeshuri, bemerewe gutegura, gushishikariza cyangwa kwishora mu kunyuzura cyangwa gukanga.

### **Imyitwarire itari iyo mu masaha y'ishuri cyangwa ya kure y'ishuri (Itegeko rya 339)**

Imyitwarire iyo ari yo yose ya nyuma y'amasaha yo kwiga cyangwa ikorewe kure y'ishuri ishobora kugira ingaruka ku myigishirize cyangwa igashyira mu kaga ubuzima, umutekano, amahame mbwirizamuco, izina cyangwa imibereho y'abandi banyeshuri, abarimu cyangwa abandi bakozzi b'ishuri.

### **Ibikoresho biturika cyangwa byatera inkongi y'umuriro (Itegeko rya 342)**

Igikoresho cyangiza icyo ari cyo cyose harimo bombe, gerenade, rokete ishobora kuraswa muri santimetero ijana na cumi n'umunani, misile ishobora guturika cyangwa ikaba irekuwe yatwika ahantu haresha na santimetero zirindwi n'igisasu giterwa mu butaka cyangwa igikoresho kimeze kimwe. Ubu busobanuro nashobora kuba burimo intwari iyo ari yo yose cyangwa ikintu gishobora kuba cyahindurwamo intwari, kigasohora igisasu hakozwe igikorwa ku buryo cyaguruika cyangwa kikoherewe ahandi bishobora kuba gifite umunwa ufite umutambiko urenze santimetero eshatu. Harimo, ariko ntabwo bigarukira gusa ku gutunga burike, ibishashi cyangwa icyuma (ubugi burenze santimetero esheshatu).

### **Ubwambuzi (Itegeko rya 345)**

Gusaba amafaranga cyangwa ikintu cyose cy'agaciro undi muntu kugira ngo umurinde cyangwa ku bijyanye no gutera ubwoba bw'uko yagiriye nabi.

### **Ibikoresho bimeze nk'imbunda (Itegeko rya 348)**

Ikintu cyose gisa nk'imbunda ariko kikaba kidafite ibikiranga biturika nk'imbunda ariko gishobora gukoresha ibikoresho gifite rasoro cyangwa imbaraga z'umwuka aho gishobora kohereza ikintu cyakwangiza (urug.: imbunda z'ibikinisho, pistore iraza purasitike, imbunda zo mu bwoko bwa bb, imbunda zirasa amasaro n'ibindi byose bisa nk'imbunda).

### **Imyitwarire y'agatsiko (Itegeko rya 354)**

Ku mpamvu z'ubu busobanuro, "agatsiko" ni itsinda iryo ari ryo ryose rigizwe n'abantu babiri cyangwa barenze bagamije kugira uruhare mu bikorwa bitemewe n'amategeko mu rwego rwo kurenga ku mategeko agenga ikinyabupfura yashyizweho n'ifasi y'amashuri. "Ibikorwa bijyanye n'agatsiko" harimo ariko ntibigarukira ku myitwarire yavuzwe hano: Nta munyeshuri uri cyangwa uri hafi y'inyubako z'ishuri cyangwa mu bikorwa by'ishuri ugomba (1) kwambara, gutunga, gukoresha, gukwirakwiza, kugaragaza cyangwa kugurisha imyenda, imirimbo, ibirango, baji, ibimenyetso, ikirango cyangwa ibindi bintu bishimangira cyangwa bigaragaza ubunyamuryango cyangwa kuba ufite aho uhuriye n'agatsiko ako ari ko kose; (2) kwishora mu bikorwa byose byaba ari mu magambo cyangwa atari mu magambo, harimo ibimenyetso cyangwa gusuhuzanya muhana umukono, kwerekana ko uri umunyamuryango cyangwa ufite aho uhuriye n'agatsiko ako ari ko kose; cyangwa (3) kwishora mu bikorwa byose birushaho kugaragaza gushishikazwa n'agatsiko cyangwa ibikorwa by'agatsiko ibyo ari byo byose, harimo ariko bitagarukiye gusa ku:

- A) gushaka kujya mu bunyamuryango cyangwa kugira aho uhuriye n'agatsiko ako ari ko kose;
- B) gushaka ko umuntu uwo ari we wese yishyura kugira ngo "arindwe" cyangwa gutera ubwoba umuntu uwo ari we wese, ku buryo bugaragara cyangwa butagaragara, harimo ubugome cyangwa ibindi bikorwa bitemewe n'amategeko cyangwa bibujijwe;
- C) gushushanya, kwandika cyangwa gushyira ibishushanyo bijyanye n'agatrisoko, ubutumwa, ibimenyetso cyangwa ibirango ku mitungo y'ishuri;
- D) kwishora mu bikorwa by'ubugome, ubwambuzi cyangwa ibindi bitemewe n'amategeko cyangwa ibindi byo kurenga ku mategeko y'ishuri cyangwa
- E) gushaka ko umuntu yishora mu bikorwa by'ubugome bukorerwa umubiri gigakorerwa undi muntu.

Mu kumenya imyitwarire y'agatsiko, abayobozi b'ishuri bashishikarizwa gukoresha ubushishozi no gufata ibyemezo bikwiye hashingiwe ku bibazo biriho mu mashuri bakoreramo, amakaritsiyi batuyemo no mu karere babarizwamo.

### **Iteshamutwe/Iterabwoba (Itegeko rya 357)**

Gukomeza utesha umutwe cyangwa wibasira undi muntu hakoreshejwe ibikorwa bikoresheje imbaraga, amagambo, byanditse cyangwa ikoranabuhanga bigatuma habaho ubwoba bwo kwangiza, gutera ubwoba cyangwa gushyamirana, nta kugaragaza imbunda cyangwa nta gutuma uhohoterwa yibasirwa ku mubiri ku buryo bwa nyabwo (urug.; kunnyuzura cyangwa gutera ubwoba bwo kwangiza).

### **Kugenda biguruntege/Kwinjira nta burenganzira (Itegeko rya 360)**

Kwanga kuva mu nyubako z'ishuri nyuma yo kubisabwa n'umukozi w'ishuri, abashinzwe iyubahirizamategeko cyangwa gusura/gusubira mu nyubako z'ishuri mu gihe cy'umunsi wo kwigisha nta burenganzira buboneye wabihereye.

### **Gutunga/Kugambirira kugurisha/Kugurisha/Gukwirakwiza/Kunywa imiti igenzurwa (Itegeko rya 363)**

Gutunga, kwitwaza, kugurisha, gukwirakwiza cyangwa guhisha imiti igenzurwa iyo ari yo yose itari iyo wandikiwe na muganga ikaba yaratanzwe hakurikijwe ingamba z'ifasi y'amashuri. Nta kintu na kimwe kigomba kuba gifitwe n'umunyeshuri mu bikorwa bijyanye n'ishuri, muri bisi cyangwa mu ntebe cyangwa mu kabati k'umunyeshuri. icyaha cyose kivugwa muri iki gice gishobora gutuma uwagikoze ahagarikwa iminsi 10 hakaba hanatangwa inama y'uko yakwirukanwa. Kunywa cyangwa kwerekana ibimenyetso by'uko wanyoye ibiyobyabwenge cyangwa indi miti itemewe n'amategeko cyangwa kuza ku ishuri mu gihe wanyoye ibiyobyabwenge bishobora gutuma:

- |                      |  |
|----------------------|--|
| <b>Icyaha cya 1:</b> | <b>Guhagarikwa iminsi 10/kwigishwa ibyerekeye ibiyobyabwenge/gahunda yo kuvurwa n'amasezerano y'imyitwarire.</b>         |
| <b>Icyaha cya 2:</b> | <b>Guhagarikwa iminsi 10, kurenga ku masezerano, kugira inama Umuyobozi ushinze iburanisha yo kwirukana umunyeshuri.</b> |

## **Gutunga/Kugambirira kugurisha/Kugurisha/Gukwirakwiza ibikoreshwa mu kunywa ibiyobyabwenge/Ibisa nka byo/Imiti itagenzurwa (Itegeko rya 366)**

Gutunga, kwitwaza kugira ngo ugurisha cyangwa guhisha ibiyobyabwenge cyangwa ibintu bishobora gufatwa nk'ibisa nk'ibiyobyabwenge cyangwa imiti isa nk'ibiyobyabwenge cyangwa gukwirakwiza cyangwa gutekereza ko ari ibiyobyabwenge bihawe umuguzi cyangwa ubyakiriyeye. Kugerageza kugurisha cyangwa gukwirakwiza imiti yanditswe na muganga iyo ari yo yose cyangwa imiti itanditswe na muganga, imiti yakozwe mu buryo bw'ibinyabutabire n'indi miti yemewe n'amategeko yose. Ibikoresho bikoreshwa mu kunywa ibiyobyabwenge birimo, ariko ntabwo bigarukira gusa ku nkono z'itabi, udumakasi, udupapuro batekeramo ibiyobyabwenge n'ibindi bintu bikoreshwa cyangwa bijyanye no kunywa ibiyobyabwenge. Nta bintu na bimwe bigomba kuba bifitwe n'umunyeshuri mu bikorwa bijyanye n'ishuri, muri bisi cyangwa mu ntebe cyangwa mu kabati k'umunyeshuri.

## **Gutunga/Gukora ibikorwa wanyoye ibisindisha (Itegeko rya 369)**

Gutunga, kwitwaza, guhisha, kunywa cyangwa kwerekana ibimenyetso byo kuba wayonye ibisindisha.

Kunywa cyangwa kwerekana ibimenyetso by'uko wanyoye ibisindisha cyangwa indi miti itemewe n'amategeko cyangwa kuza ku ishuri mu gihe wanyoye ibisindisha gutuma:

- |                      |   |
|----------------------|---|
| <b>Icyaha cya 1:</b> | <b>Guhagarikwa iminsi 10/kwigishwa ibyerekeye ibisindisha/gahunda yo kuvurwa n'amasezerano y'imyitwarire.</b>           |
| <b>Icyaha cya 2:</b> | <b>Guhagarikwa iminsi 10, kurenga ku masezerano, kugira inama Umuyobozi ushinze iburanisha yo kwirukana umunyeshuri</b> |

## **Gutunga/Gukoresha intwaro zateza ibyago/Ibisa nk'intwaro/Igikoresho cyateza inkongi y'umuriro (kitari imbunda) (Itegeko rya 372)**

Kuba ufite, uri na cyangwa wibiteseho ikintu bwite mu (kabati, intebe, marete, bisi n'ahandi) cyangwa ku ishuri/mu bikorwa bijyanye n'ishuri, intwaro, igikoresho, ikintu cyangwa icyakozwe gisa nk'intwaro cyangwa gikoreshwa nk'intwaro [urug.: igisokozo gifite aho bafatira hakoze mu cyuma, icyuma gikata ibikarito, icyumba gikoreshwa mu bintu bisanzwe uko cyaba kingana kose n'urwembe urwo ari rwo rwose (urug.: rurambuye, rusanzwe, ruhinwa, rufite ubugi bubiri cyangwa bumwe), ikintu gisohora gaze, imbunda y'amashanyarazi, ibishashi, amasasu, ibikoreshwa mu mbunda, bombe y'imyotsi, bombe y'amabara, bombe inuka, ibitera ibinyabutabire, burike cyangwa ibikoresho bikoreshwa mu bugeni (urug.: ibijugunya inyenyeri, mucako, uducumu, ikiboko, amashene, impiri, ibyuma/ibyuma bambara mu ntoki cyangwa ibyumba bambara mu ntoki umuntu yikoreye, impeta, inkono z'itabi, imirimbo yo ku maboko bambara ariho uducumu cyangwa ishinze)] gishobora gutera urupfu cyangwa gukomeretsa bikomeye umubiri birabujijwe.

## **Gutunga/Gukoresha/Kugurisha/Gukwirakwiza imbunda (Itegeko rya 375)**

Imbunda ni intwaro iyo ari yo yose ishobora, yakozwe kugira ngo, cyangwa ibasha kuba yahindurwamo ikintu cyohereza igisasu hakozwe igikorwa ku buryo giturika; imiterere y'imbunda cyangwa icyakira iyo ntware; silansiye y'imbunda iy o ari yo yose cyangwa mashinigani iyo ari yo yose. Harimo imbunda bahinda, imbunda bakoresha batangira imikino n'imbunda zirasa ibishashi by'umutuku. Ibisa nk'imbunda bishobora kudatangwaho raporo muri aya mahitamo. Gutunga imbunda bishobora gutuma wirukanwa

umwaka umwe (1) wose. Umuyobozi w'amashuri ashobora kugabanya iki gihano cyo kwirukanwa hashingiye ku cyari kigamijwe, imyaka, amakuru abitse ku kinyabupfura wagiye ugaragaza, amakuru abitse ku myigire cyangwa ubumuga hashingiye ku miterere ya buri kibazo.

### **Gutungu/Gukoresha/Kugurisha/Gukwirakwiza intwari zishobora guteza imbago (Icyuma bitari imbunda cyangwa igiturika, cyateza inkongi y'umuriro cyangwa gaze y'ubumara (Itegeko rya 378)**

Kuba ufite, uri na cyangwa wibiteseho ikintu bwite mu (kabati, intebe, marete, bisi) cyangwa gukwirakwiza intwari, igikoresheho, ikintu, icyuma cyangwa icyifashishwa, kiyega cyangwa kitayega, harimo inshinge, ibyifashishwa mu gushushanya ku mubiri, ibikoresheho/inshinge zifashishwa mu gutobora amatwi, bikoresheho cyangwa bishobora kuba bifite ubushobozi bwo kwica cyangwa gukomeretsa umubiri ku buryo bukomeye keretse ku ijamba ritarimo icyuma cyo mu mufuka gifite ubugi butageza kuri santimetero esheshatu (urug.: icyuma cyo mu bwoko bwa Bowie, icyuma, akuma bahina, icyuma cyo guhigisha cyangwa gihinwa). Gutunga icyuma bishobora gutuma wirukanwa umwaka umwe (1) wose.

### **Kubangamira ishuri (Itegeko rya 381)**

Ibikorwa bishobora kubangama ishuri cyangwa gutera ubwoba umutekano cyangwa imibereho myiza y'abandi banyeshuri cyangwa abakozi bishobora kuba birimo, ariko bitagarukiye gusa ku kwivumbura ugasohoka, kwigaragambya wicaye, kwigaragambya, kwigaragambya mufite ibyapa, kwinjira ahantu nta burenganzira ubifitiye, ibikorwa byateza ibyago cyangwa bitarimo ubushishozi bikorewe ku modoka cyangwa hafi y'inyubako z'ishuri cyangwa hafi ya bisi y'ishuri cyangwa gutuma habaho kubangama, guera ubwoba ishuri, kubeshya ugamije guseka cyangwa ubugome nyirizina mu gihe cyo kubangama cyangwa ibikorwa byatumye ishuri rifungwa. Harimo gufungura imiryango yo hanze bigaragara ko yagenewe guhora ifunze.

### **Gukomeretsa umubiri ku buryo bukomeye (Itegeko rya 384)**

Ikibazo gituma habaho cyangwa kigamije gutuma habaho gukomeretsa umubiri ku buryo bukomeye wikomeretsa cyangwa ukomeretsa aband. Gukomeretsa bikomeye umubiri bisobanurwa nko gukomereka ku mubiri uko ari ko kose harimo kuba ufite ibyago byo kuba wapfa, wababara ku mubiri ku buryo bukomeye, kwangiza isura ku buryo bukomeze cyangwa bugaragara cyangwa kubura cyangwa ubumuga bw'imikorere y'igice cy'umubiri, ururingo cyangwa igice cy'ubwonko.

### **Imyitwarire igishingiye ku gitsina idahwitse (Itegeko rya 387)**

Kwishora mu bikorwa biganisha ku mibonano mpuzabitsina harimo, ariko bitagarukiye gusa ku magambo cyangwa ibimenyetso by'urukozasoni, kugaragaza ibintu mu buryo butaboneye, gutunga ibitabo by'urukozasoni, gutunga/gukwirakwiza positeri zitesha agaciro/zitukana, amakarita, amafoto, ibitente, ibishushanyo ku nyubako/bisi z'ishuri cyangwa mu bikorwa byatewe inkunga n'ishuri.

### **Imyitwarire ishingiyeye ku gitsina itifuzwa (Itegeko rya 390)**

Gushaka kubwira no gukorakora ku muntu biganisha ku mibonano mpuzabitsina atabyifuza, gusaba gukorana imibonano mpuzabitsina n'umuntu mudakundana, indi myitwarire yo ku mubiri cyangwa mu magambo cyangwa kuvugana ibintu birimo iby'imibonano mpuzabitsina, harimo iteshamutwe rishingiye ku



gitsina rituma umuntu agira ubwoba, amahane cyangwa ashaka kurwana mu gice cy'amasomo cyangwa mu kazi (ni ukuvuga, gukanda, gufata, amagambo aganisha ku by'ibitsina, ibimenyetso cyangwa urwenya ruganisha ku gitsina cyangwa igitutu cyo gutuma umuntu akora igikorwa cy'imibonano mpuzabitsina).

### **Ubujura/Kugerageza kwiba/Gutunga ibitari ibyawe (Itegeko rya 393)**

Gufata cyangwa gutanga bitemewe n'amategeko umutungo w'undi muntu ugamije kwambura uwo muntu umutungo we. Kwakira umutungo wibwe cyangwa kugerageza kwiba ubeshye, harimo umutungo rusange, gutunga umutungo wibwe, ibintu bya magendu cyangwa ibintu byari byarabuze cyangwa bifitwe n'urwego rw'igihugu, leta cyangwa ifasi y'amashuri bigamijwe gukoreshwa mu magerageza. Abanyeshuri barashishikarizwa kutazana ibikoresho bitabone mu kwigiraho cyangwa by'agaciro n'amafaranga menshi ku ishuri. Amashuri ya leta ya Dayton ntabwo azaryozwa ibura, ukwibwa cyangwa ukwangirika kw'ibintu byazanywe ku ishuri.

### **Kwangiza imitungo y'abandi (Itegeko rya 396)**

Gusenya/kwangiza/kugerageza cyangwa gutera ubwoba bwo gusenya/kwangiza/kwangiza isura y'umutungo w'ishuri, wihariye, bwite cyangwa rusange. Harimo, ariko ntabwo bigarukiye gusa ku guteza inkongi y'umuriro, kugerageza gusenya/kwangiza/guhindanya isura y'umutungo w'ishuri cyangwa w'umukozi cyangwa umutungo wakoreshejwe n'ishuri harimo, ariko bitagarukiye gusa ku, kumena ibirahure, gushushanya, kwangiza ibikoresho byo mu bwihereho, gukoresha amarangi cyangwa ibindi bintu kugira ngo uhindanye isura y'umutungo w'ishuri (urug.: ameza, intebe n'ibikresho biri cynagwa byashyizwe mu nyubako z'ishuri). Abanyeshuri bagomba kwishyura umutungo w'ishuri wangiritse.

### **Kurenga ku masezerano akurikizwa ku kigo cy'ishuri cyose (Itegeko rya 399)**

Kutubahiriza amasezerano y'aho ishuri rihereye cyangwa akurikizwa mu mashuri yose cyangwa kutubahiriza ibigenderwaho mu kwiyaandikisha mu mashuri ya leta. Umunyeshuri agomba kubahiriza ibigenderwaho mu Kurenga ku mategeko agenga ishuri inshuro nyinshi (Itegeko rya 259) icyakora, byibuze ibikorwa bibiri muri bine byo kurenga ku mategeko bigomba kuba ari ibyaha biri mu rwego rwa II. Amasezerano agomba kugaragara mu bijyanye n'ikinyabupfura kugira ngo abashe kubahirizwa. Kopi y'amasezerano yashyizweho umukono byibuze n'umunyeshuri niba bishoboka n'umubyeyi/umwishingizi, igomba kuba uri muri dosiye. Igihe amasezerano amwe azamara ntikigomba kurenza iminsi yo kwiga 60.

---

# Imikoreshereze ya mudasobwa na interineti

Abanyeshuri bagomba kubahiriza Ingamba z'imikoreshereze yemewe z'amashuri ya leta ya Dayton kuko ajyanye n'ikoresha rya mudasobwa no kugera kuri interineti. Abanyeshuri ntibashobora gukoresha sisitemu y'ifasi y'amashuri kugira ngo bagere ku bintu by'urukozasoni (porunogarafi), gushyigikira ibikorwa bitemewe n'amategeko, ubugome cyangwa ivangura rikorewe abandi bantu (imvugo y'urwango) cyangwa guteza imbere imyidagaduro, ubumenyi mu by'ibyaha mpanabyaha, amatsinda aganira ku bintu bitari amasomo, guteretana cyangwa guhuzabashakira gushyigirirwa. Niba abakoresha bageze ku ari ayo makuru batabizi, bagomba guhitabamenyeshya uko kugera kuri ayo makuru batabishakira mu buryo bwagaragajwe n'ishuri bigaho. Bizarinda abakoresha kuba baregwa kuba byarenze ku bushake ku Mabwiriza agenga imikoreshereze yemewe. Abanyeshuri bubahiriza amabwiriza y'ifasi y'amashuri mu gihe bari gukoresha sisitemu cyangwa ibikoresho by'ifasi y'amashuri, mu masaha yo kwiga no mu bikorwa byatweme inkunga n'ishuri kandi mu gihe batari ku ishuri igihe ibikorwa bishobora kubangamira ku buryo bukomeye akazi n'ikinyabupfura by'ishuri.

---

## Gusiba no kutaza ku ishuri

Gusiba hari impamvu ni kimwe mu bintu bifatwa nk'ibifite impamvu n'umuyobozi w'innyabako z'amashuri. Gusiba bitageze kuri imwe (1) mu mpamvu esheshatu (6) Inama y'ubuyobozi ishinze uburezi yemejwe ko ari gusiba bishyirwa mu cyiciro cyo gusiba hari impamvu igihe kuza mu nyabako z'ishuri byubahirizwa n'umunyeshuri, umubyeyi cyangwa umuntu uhagarariye umubyeyi niba umunyeshuri adahari. Umubyeyi/umwishingizi/uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko agomba guhamagara ishuri vuba bishoboka. Umunyeshuri agomba kuzanya inyandiko iriho umukono ayihawe n'umubyeyi/umwishingizi/uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko igaragaza impamvu ataje ku ishuri ku itariki yo kugarukiraho (reba igice cya 3321.191). Gusiba ishuri inshuro eshatu (3) zikurikiranye bitewe n'uburwayi bw'umunyeshuri bisaba icyemezo cya muganga umunyeshuri atanga agarutse ku ishuri. Gusiba hari impamvu byanditswe nko gusiba mu makuru abikwa yo kuza mu ishuri k'umunyeshuri ku mpamvu zikurikira:

- **Uburwayi bw'umunyeshuri**
- **Uburwayi mu muryango**
- **Urupfu mu muryango**
- **Kujya mu kato kubera indwara yandura**
- **Izo mpamvu zemejwe mbere n'umuyobozi w'ishuri ku busabe bwanditse n'umubyeyi/umwishingizi/uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko cyangwa umunyeshuri mukuru**
- **Ikiza**

Kuza ku ishuri buri muni bigira icyo bihindura ku mitsindire. Gusiba bikabije bishobora gutuma udatsinda mu ishuri. Iyo gusiba ari ngombwa, ababyeyi/abishingizi b'umwana/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bagomba kumenyekanisha uko gusiba abayobozi b'ishuri mbere y'uko igihe cyateganyijwe ko amasomo atangiriraho ku ishuri kigera.

Abanyeshuri bszanzwe mu muryango mugari mu masaha yo kwiga bashobora guhagarikwa n'abayobozi bagenwe maze bagasabwa kwerekana impamvu batari ku ishuri. Niba umunyeshuri adashobora gutanga ibyangombwa bikwiye, agomba gutegekwa gusubira ku ishuri. Ibyangombwa bikwiye birimo:

- A) **Umunyeshuri afite uruhushya rwanditse rwatanzwe n'ubuyobozi bw'ishuri bumwemerera ko ava ku ishuri mu gihe cyihariye.**
- B) **Umunyeshuri ari kumwe n'ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko.**
- C) **Ishuri umunyeshuri yigamo ntiriri kwiga, hatabariwemo abanyeshuri birukanywe cyangwa bahagaritswe.**
- D) **Umunyeshuri afite icyemezo cy'akazi ku buryo akora ingendo aya cyangwa ava ku kazi gusa.**
- E) **Uwo munyeshuri afite aho agomba kujya byihutirwa, bikaba bigenzurwa.**

Ifasi y'amashuri:

- 1. **Izirikana ko umunyeshuri asiba mu buryo karande cyangwa akabigira akamenyero kubera ko yabuze ibyangombwa bikwiye ku bwo gusiba/gutinda kugera ku ishuri. (*Reba inyunguramagambo y'ibisobanuro ku gusiba ku buryo karande cyangwa by'akamenyero.*)**
- 2. **Guha umubyeyi cyangwa umunyeshuri Itangazo rigaragaza amategeko ahana gusiba ishuri.**

*Ubuyobozi bw'amashuri ya leta ya Dayton ntibushishikariza na gato gukoresha uburyo bwo guhagarika cyangwa kwirukana nk'uburyo bwo kubahiriza amategeko agenga kuza ku ishuri cyangwa kvanaho ibyo gusiba nta mpamvu.*

---

# Inyunguramagambo

## Indi porogaramu/Gutuma umunyeshuri asubira ku murongo

Umunyeshuri wirukanwe mu mashuri ya leta ya Dayton ashobora kujyanwa muri iyi porogaramu ku bwo kumufasha mu by'imyigire n'ubujyanama aho kumwirukana. Nk'ibisabwa mu gihe cyo kwiyandikisha, umunyeshuri ashobora kuba atari mu nyubako z'amashuri ya leta ya Dayton ndetse atanaje cyangwa atitabiriye ibikorwa bitegekwa n'amashuri ya leta ya Dayton. Ukundi kurenga ku Mategeko ngenyemurire y'umunyeshuri uko ari ko kose cyangwa amategeko agenga indi porogaramu yo ku ishuri bizaseza ukwiyandikisha muri icyo yindi porogaramu kandi kwirukana umunyeshuri bishobora gukorwa hakurikijwe icyaha cyakozwe mbere cyangwa gishya.

## Amasezerano y'imyitwarire

Amasezerano y'imyitwarire akurikizwa ku ishuri ryose/sisitemu yose n'umuyobozi w'ishuri, Umukozi ushinze iburanisha ku byo kwirukanwa ku ishuri cyangwa Inama y'ubuyobozi ushinze uburezi mu mashuri ya Dayton agaragaza ukubahiriza amategeko n'amabwiriza. Kutubahiriza Amasezerano y'imyitwarire bishobora gutuma ufatirwa ibindi bihano byo mu rwego rw'imyitwarire, harimo kuba washyikirizwa Komite y'abakozi bashinze iburanisha ryo kwirukanwa ku ishuri. Igihe amasezerano y'imyitwarire amwe amara ntikigomba kurenza iminsi yo kwiga 60.

## Gusiba ku ishuri mu buryo karande

Umwana ugejeje imyaka yo kujya kwiga wasibye ishuri nta mpamvu yumvikana yatanze mu minsi irindwi (7) cyangwa irenga ikurikira n'iminsi icumi (10) cyangwa irenze ikurikiranye cyangwa iminsi cumi n'itanu (15) cyangwa irenze mu mwaka w'amashuri.

## Gufungwa

Gufunga umunyeshuri mu masaha yo kwiga asanzwe, yaba ari mbere y'amasomo cyangwa nyuma y'amasomo.

## Gusiba hari impamvu

Gusiba hari impamvu bisobanurwa n'amategeko ya Ohio nk'uburwayi bw'umuntu ku giti cye, uburwayi bw'ugizye umuryango wa hafi (umubyeyi w'umugore, umubyeyi w'umugabo, umuvandimwe), kujya mu kato mu rugo, urupfu rw'ugize umuryango wa hafi (umubyeyi w'umugore, umubyeyi w'umugabo, umuvandimwe, nyogokuru cyangwa sogokuru), ikiza, kutagira aho uba n'impamvu zemejwe mbere n'umuyobozi w'ishuri abisabwe mu nyandiko n'umubyeyi cyangwa umunyeshuri mukuru.

## Kwirukanwa

Kwirukanwa ni ukugura umunyeshuri ku ishuri n'umuyobozi w'ishuri umunyeshuri atabishaka. Akenshi, kwirukanwa bigomba kutarenza iminsi 80 cyangwa umubare w'iminsi isigaye ku gihembwe cyo kwiga. Aho umunyeshuri yazanye cyangwa afite imbunda ku ishuri cyangwa ku nyubako z'ishuri, Umuyobozi mukuru w'amashuri yirukana uwo munyeshuri ku ishuri mu gihe cy'umwaka umwe (1). Iyo bimeze bityo, Itegeko ribuzza kutazana imbunda ku ishuri risaba ko umunyeshuri yirukanwa. Umunyeshuri ntiyemerewe kwitabira ibikorwa bitari mu mfashanyigisho, ngo abe mu nyubako z'ishuri cyangwa mu modoka y'ifasi y'amashuri iyo ari yo yose (harimo bisi).

## **Umukozi ushinzwe iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri - Washyizweho n'Umuyobozi mukuru w'amashuri**

Umuyobozi ashirwaho n'Umuyobozi mukuru w'amashuri, utazi neza iby'uko ikibazo kimeze, yumva ibimenyetso byaragarajwe n'umunyeshuri, ababyeyi/abishingizi b'abana n'umuyobozi w'uishuri (ni ukuvuga inyandikomvugo z'umutangabuhamya). Umuyobozi ashyikiriza imyanzuro Umuyobozi mukuru w'amashuri ihereye ku gusubiza umunyeshuri ku ishuri, koherezau munyeshuri mu kigo cyo hanze y'ishuri kugira ngo kimufashe, kumuhagarika, kumwirukana cyangwa kumwirukana burundu. Ababyeyi/abishingizi b'umwana/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bataje mu iburanisha ntibahagarika igikorwa.

## **Umwana usiba ishuri akabigira akamenyero**

Umwana ugejeje imyaka yo kujya kwiga wasibye ishuri nta mpamvu yumvikana yatanze mu minsi itanu (5) cyangwa irenga ikurikira n'iminsi irindwi (7) cyangwa irenze ikurikiranye cyangwa iminsi cumi n'itanu (12) cyangwa irenze iminsiyo yo kwiga mu mwaka w'amashuri. (Ukwezi ko kwiga gusobanurwa nk'ibyumweru bine byo kwiga.)

## **Guhagarikwa ku ishuri - Ikigo cyigisha mu bundi buryo**

Guhagarikwa ku ishuri ni uguhagarika umunyeshuri mu bikorwa byo kwiga bisanzwe bikozwe n'umuyobozi bitewe n'impamvu zo kugira ikinyabupfura gike. Umunyeshuri aza ku ishuri ariko agashyirwa ahantu hihariye hatuma akora umukoro wo mu ishuri. Umunyeshuri ashobora kutza cyangwa kutitabira ibikorwa bitari mu mfashanyigisho mu gihe yahagaritswe ku ishuri.

## **Guhagarikwa utari ku ishuri**

Guhagarikwa utari ku ishuri ni ukwangirwa kwinjira mu ishuri mu gihe cyo guhera ku munsu umwe (1) ukageza ku minsi cumi (10) yo kwiga. Harimo guhagarika umunyeshuri mu bikorwa byo kwiga bisanzwe bikozwe n'umuyobozi bitewe n'impamvu zo kugira ikinyabupfura gike. Umukoro wo mu ishuri utakozwe kuva ku munsu umwe (1) kugeza ku minsi itatu (3) yo guhagarikwa ushobora gukorwa igihe umunyeshuri yagarutse ku ishuri. Mu gihe cyo guhagarikwa kivuye ku minsi ine (4) kikagera ku minsi cumi (10), ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bashobora gusaba umukoro wo ku ishuri no gufata umukoro wo ku ishuri mu masaha yo kwiga. Abanyeshuri bahagaritswe ntibemerewe kwitabira ibikorwa bitari mu mfashanyigisho, ngo abe mu nyubako z'ishuri cyangwa mu modoka y'ifasi y'amashuri iyo ari yo yose (harimo bisi).

## **Iburanisha ryitabirwe n'umubyeyi**

Ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko n'abanyeshuri bahura n'umuyobozi mukuru kugira ngo habeho iburana ku bibazo bijyanye no kuba aregwa kurenga ku mategeko agenga ishuri no kumenya niba icyaha kimuhama, ari umwere cyangwa ingaruka yahura na zo igihe basanze umunyeshuri ahamwe n'icyaha. Abunganizi mu by'amategeko bemerewe kwitabira izo nama; icyakora, bagomba kubimenyesha umuyobozi w'ishuri ko bifuza ku zitabira. Inshuti cyangwa abavandimwe b'umunyeshuri n'abandi baturage batari abatangabuhamya hari igihe batashobora kwitabira iburanisha. icyemezo cyafatiwe mu iburanisha gishobora kujuririrwa ku muyobozi w'ishuri cyangwa ku muyobozi nshingwabikorwa bireba.

## **Inama y'Umubyeyi/Umwishingizi/Uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko**

Amahirwe y'abayobozi b'ishuri n'ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko baganira ku bibazo bijyanye n'imyitwarire y'umunyeshuri cyangwa ikinyabupfura cye.

### **Kuvanwaho n'Umuyobozi ushinze iburanisha**

Umukozi w'ishuri ashobora gukura umunyeshuri by'agatenyo mu hatangirwa ubundi burezi mu gihe kitarenze iminsi yo kwiga 45 nta kureba ku bijyanye niba imyitwarire yaragaragajwe n'ubumuga bw'umunyeshuri, aho umwana: (i) yitwaje cyangwa afite imbunda ayijyanye cyangwa ayifite ku ishuri, mu nyubako z'ishuri cyangwa mu bikorwa bigiye kubera cyangwa biri kubera ku ishuri cyangwa bigenzurwa na leta cyangwa ikigo gishinzwe uburezi muri ako gace; (ii) gutunga cyangwa gukoresha ibiyobyabwenge bitemewe n'amategeko ubizi neza cyangwa kugurisha cyangwa gusaba igurisha ry'imiti igenzurwa mu gihe uri ku ishuri, mu nyubako z'ishuri cyangwa mu bikorwa by'ishuri bigenzurwa na leta cyangwa ikigo cy'uburezi muri ako gace; (iii) akaba yarakomerekeje bikabije umubiri w'undi muntu ari ku ishuri, mu nyubako z'ishuri, cyangwa mu bikorwa by'ishuri bigenzurwa na leta cyangwa ikigo cy'uburezi muri ako gace.

### **Kugaruza**

Ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera abana b'abanyeshuri bashinjwa guhindanya cyangwa kwangiza imitungo y'ishuri/imodoka z'ifasi y'amashuri basabwa kwishyura ibiguzi cyo gusana iyo mitungo.

### **Inama y'abanyeshuri**

Amahirwe y'abakozi b'ishuri n'abanyeshuri baganira ku bibazo bijyanye n'imyitwarire y'umunyeshuri cyangwa ikinyabupfura cye. Amasezerano yanditse ashobora gukorwa.

### **Gukurwa mu bandi by'igihe gito**

Gushyira umunyeshuri ahantu ha wenyine mu gihe gito mu cyumba cy'ishuri cyangwa agakurwa mu banyeshuri bigana akajyanwa ahandi hantu hagenzurwa mu ishuri.

### **Ibibazo n'impungenge zo gusiba ishuri**

Gutanga raporo ku banyeshuri bashobora gusiba cyangwa kubona ibibazo ku bibazo bijyanye no gusiba ishuri, hamagara umurongo utishyurwa ujyanye no kurwana ko abanyeshuri basiba kuri (937) 542-3228.

### **Kwiyambura uburenganzira bwo witabira iburanisha ryo kwirana umunyeshuri**

Ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bandika inyandiko bagashyiraho umukono biyambura uburenganzira bwo kwitabira iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri. Mu gihe ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera abana byemewe n'amategeko cyangwa abanyeshuri batitabira iburanisha, buzakomeza nk'uko rwateganyijwe.

# Umutekano w'inyubako

Kugira ngo hatangwe umutekano ushoboka, abanyeshuri bose biga mu mashuri yisumbuye mu kigo cy'amashuri ya leta ya Dayton bashobora gusakwa mu rwego rw'umutekano cyangwa bakanyuzwa mu cyuma harebwa ko nta ntwaro bitwaje binjiye mu nyubako. Abanyeshuri binjira mu nyubako mu miryango yabugenewe bashobora "kunyura" muri sisitemu y'umutekano. Niba ari ngombwa, gusaka umuntu ku giti cye bishobora gukorwa hakoreshejwe inkoni isaka ifatwa mu ntoki. Kugira ngo hihutishwe ibikorwa byo gusaka, zirikana ibukurikira:

1. *Vanamo imfunguzo zose mu mufuka cyangwa mu mashakoshi mbere yo kwinjira mu cyuma gisaka.*
2. *Vanamo ibintu byose by'ibyuma na za mubazi muri za marete.*
3. *Ibikapu bibonerana n'ibikoze mu tudeyi ni byo byiza.*

Ibikoresheho bimwe na bimwe (urug.: akanyundo ku mfunguzo z'umunyeshuri cyangwa "utwuma") bishobora kuba byemewe hanze y'ishuri ariko bikaba bitemewe mu ishuri.

Ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe bagomba kumenya ibyo abana babo bapakira muri za marete zabo cyangwa mu mashakoshi yabo mbere yo kuva mu rugo.

---

## Ibikorwa n'ifasi y'amashuri bikurikira Imyitwarire idahwitse y'umunyeshuri

Iyo umunyeshuri akoze cyangwa ashinjwe gukora icyaha icyo ari cyo cyose, umuyobozi w'ishuri:

1. Akora iperereza ku kibazo, harimo guhura n'umunyeshuri cyangwa abandi bafite aho bahuriye n'icyo kibazo kugira ngo atume basobanura uko ikibazo kimeze.
2. Avugana n'ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko igihe bibaye ngombwa, agasobanura ikibazo akanaha amakuru umubyeyi yerekeye ingamba zakoreshejwe mu guhana uwakoze icyaha.

### **Ibyo ababyeyi bagomba kwitega**

Iyo umuyobozi w'ishuri asanze umunyeshuri yarakoze icyaha, umuyobozi w'ishuri cyangwa undi mukozi w'ishuri:

- Amenyeshya umubyeyi kuri telefone vuba bishoboka ko umunyeshuri yakoze icyaha kandi ashobora guhagarikwa.
- Yoherereza ibaruwa aho ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko atuye isobanura iby'ihagarikwa ry'umunyeshuri.

## Umubyeyi ashobora:

- abisabwe, guhura n'umuyobozi w'ishuri kugira ngo baganire ku cyaha.
- guhabwa raporo ku iperereza ryakozwe n'ishuri.
- kujuririra ihagarikwa ry'umunyeshuri, niba umubyeyi atanyuzwe n'icyemezo cy'umuyobozi w'ishuri.

## Gukurwa ku ishuri mu buryo bwihuse

(Ibisobanuro by'ibikorwa bishobora kuboenka ku Mategeko yavuguruwe ya Ohio (O.R.C.) 3313.66 (C).)

"Iyo kuba umunyeshuri ari ahantu runaka byatuma hakomeza kubaho ibyago ku bantu cyangwa ku mitungo cyangwa gukomeza gutera ubwoba bwo kubangamira imyigishirize iri kuba mu cyumba cy'ishuri cyangwa ahandi mu nyubako z'ishuri," umukozi w'ishuri ashobora gukura umunyeshuri mu bikorwa biri mu mfashanyigisho cyangwa mu nyubako z'ishuri. Hakimara kwakira ibaruwa yo kwirukana umunyeshuri, ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bagomba guhita batanga raporo ku nama izaba mu minsi itatu (3) y'amasomo. Inama iha abakozi, abanyeshuri, ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko amahirwe yo kuganira ku myitwarire no gutanga ibitekerezo byabo kuri cyo kibazo. Kutaza mu nama bishobora gutuma umunyeshuri ahagarikwa atari ku ishuri. Mu gihe hemejwe ko umunyeshuri ahagarikwa atari ku ishuri, iminsi ya mbere yo gukurwa ku ishuri iragabanywa umunyeshuri agakurwaho atari ku ishuri. Abanyeshuri baguma mu rugo mu gihe cyo kwiga ntibaze/ntitabire ibikorwa biterwa inkunga n'ishuri kugeza inama/iburanisha ribayeho.

## Guhagarikwa utari ku ishuri

1. Umuyobozi mukuru w'amashuri cyangwa umuyobozi mukuru ashobora guhagarika umunyeshuri kugeza ku minsi icumi (10) yo kwiga.
2. Umuyobozi w'ishuri atanga itangazo ryanditse akariha umunyeshuri n'ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko ateganya guhagarika umunyeshuri. (ifishi ya 39)
3. Umunyeshuri amenyeshwa amahirwe afite yo kujurira mbere y'uko umuyobozi w'ishuri cyangwa umuyobozi mukuru w'amashuri agize icyo avuga ku mpamvu zo guhagarika cyangwa agasobanura ibikorwa bye.
4. Umuyobozi w'ishuri atanga itangazo ryanditse ryo guhagarika rigahabwa ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko agaragaza impamvu yo guhagarika umunyeshuri. (ifishi ya 40)

## Gushyirwa mu yindi porogaramu aho kwirukanwa ku ishuri

Iyo umunyeshuri yakoze icyaha cyo mu rwego rwa III:

1. Umunyeshuri ayanwaga ku Mukozi ushinze iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri.
2. Ibaruwa irimo itangazo ryerekeye kwirukana yohererezwa ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko. Ibaruwa igaragaza itariki n'isaha iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri rizaberaho.



3. Umunyeshuri n'ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bashobora kuzana ababahagarirye mu iburanisha.
4. Mu iburanisha, Umukozi ushinzwe iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri asuzuma amakuru yavuye mu iperereza kugira ngo amenye niba kwirukana umunyeshuri byakwemezwa.
5. Umunyeshuri n'ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko bahabwa amahirwe yo gusobanura aho bahagaze.
6. Nyuma y'iburanisha, Umukozi ushinzwe iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri afata icyemezo cy'ingamba zo guhana uwakoze icyaha zakurikizwa.
7. Ibyavuye mu iburanisha ryo kwirukana umunyeshuri n'amakuru ku byerekeye igikorwa cyo kujurira byoherezwa hakoreshejwe iposita ababyeyi/abishingizi/abahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko mu munsu umwe nyuma y'iburanisha. Umunyeshuri ashobora gushyirwa mu yindi Porogaramu aho kwirukanwa. Iyo umunyeshuri ashyizwe mu yindi Porogaramu, ababyeyi/abishingizi/abahawe uburenganzira bwo kurera umwana byemewe n'amategeko baba bafite iminsi itanu **(5) y'amasomo bakaba bemeye aho umunyeshuri yashyizwe.** Iyi Porogaramu yindi yanzwe cynagwa abanyeshuri ntibabashe kuza ku itariki yateganyijwe ko yiyandikishaho, **umunyeshuri arirukanwa.**

### **Uburyo bwo kujurira O.R.C. 3313.66 (E)**

"Umunyeshuri cyangwa umubyeyi, umwishingizi cyangwa uwahawe inshingano zo kurera uwo mwana byemewe n'amategeko b'umunyeshuri ashobora kujuririra ibyo kwirukana umunyeshuri bikozwe n'umuyobozi mukuru w'amashuri cyangwa guhagarikwa bikozwe n'umuyobozi mukuru w'amashuri, umuyobozi w'ishuri, uwungirije umuyobozi w'ishuri cyangwa undi mukozi uri mu nama y'abayobozi ishinzwe uburezi cyangwa uwo yagennye. Iyo umunyeshuri cyangwa umubyeyi, umwishingizi cyangwa uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko b'umunyeshuri ateganya kujurira iyirukanwa cyangwa ihagarikwa akageza ubujurire ku nama y'ubuyobozi cyangwa abagenwe na yo, umunyeshuri cyangwa umubyeyi, umwishingizi cynagwa uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko amenyesha inama y'ubuyobozi mu buryo n'itariki byagaragajwe mu itangazo ryatanzwe hakurikijwe icyiciro cya (D) k'iki gice. Umunyeshuri cyangwa umubyeyi, umwishingizi cynagwa uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko b'umunyeshuri bashobora gusaba guhagararirwa mu bikorwa byo kujurira byose kandi bemererwa kujya mu iburanisha mbere y'inama y'ubuyobozi cyangwa uwagenwe na yo kugira ngo bumvwe ku byo batemera ku guhagarika cyangwa kwirukana umunyeshuri. Bisabwe n'umunyeshuri cyangwa umubyeyi, umwishingizi cynagwa uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko b'umunyeshuri cyangwa umwunganizi mu by'amategeko, inama cyangwa uwagenwe na yo ashobora kubiranisha agamije gushyira mu bikorwa icyemezo ariko agomba kugira icyo akora ku guhagarika cyangwa kwirukana umunyeshuri bikorewe mu nama rusange gusa. Inama y'ubuyobozi, hagendewe ku bwiganze bw'amajwi igizwe n'abanyamuryango bayo bose cyangwa uwagenwe na yo akoze igikorwa, ashobora kwemeza icyemezo cyo guhagarika cyangwa kwirukana, kugarura umunyeshuri ku ishuri cyangwa guhindura, gutesha agaciro cyangwa guhindura ingingo zigize icyemezo cyo guhagarika cyangwa kwirukana umunyeshuri.

Inama y'ubuyobozi cyangwa uwo yagennye bakora inyandikomvugo y'iburanisha ryabaye muri iki cyiciro. Ibyemezo by'inama y'ubuyobozi cyangwa uwagenwe na yo bishobora kujuririrwa hakurikijwe Umutungu wa 2506 w'Itegeko ryavugururwe."

*\*\* Itangazo rigamije kujuririra kwirukana umunyeshuri rigomba gushyikirizwa Ibiro by'Umuyobozi mukuru w'amashuri/Umucungamari bitarenze iminsi cumi n'ine (14) Umuyobozi mukuru w'amashuri afashe icyemezo cyo kwirukana umunyeshuri. Hakurikijwe amategeko ya leta, icyemezo cy'Inama y'ubuyobozi gishobora kongera kujuririrwa mu Rukiko rw'ibanze.*

### **Kwirukanwa ku ishuri burundu**

Inama y'ubuyobozi ishobora gushaka uko hakwirukanwa ku ishuri burundu umunyeshuri ufite imyaka 16 cyangwa uyirengeje yahamijwe ibyaha mpanabyaha n'urukiko, basanze ari ikirara cyangwa basanzwe yarafashije cyangwa afite aho ahuriye n'ibyaha bikurikira:

1. Gutwara cyangwa gutunga mu buryo butemewe intwari yakwica umuntu cyangwa ikintu cyateza ibyago; gutwara intawro ihishe; gucuruza ibiyobyabwenge harimo gutunga cyangwa kuranguza imiti igenzurwa.
2. Ubwicanyi bubabaje, ubwicanyi, kwica ku bushake cyangwa bitari ubushake, kukubita birimo ubugome, kukubita bibabaje, gufata ku ngufu, guhatira imibonano mpuzabitsina umuntu ku buryo bukabije cyangwa kwinjiza igitsina cyawe mu cyundi birimo ubugome birimo umukozi w'ifasi y'amashuri ku butaka bw'ishuri cyangwa mu bikorwa by'ishuri. Umuyobozi mukuru w'amashuri ashobora gutekereza uko yakwirukana burundu uwo munyeshuri hashingiwe ku buremere cyangwa umubare w'ibyaha.

### **Guhagarikwa no kwirukanwa ku banyeshuri bafite ubumuga**

Amategeko yose y'igihugu n'aya leta (urug.: Kumenya ko umunyeshuri hari cyo yerekanaga), Ingamba z'inama y'ubuyobozi n'inzira zikoreshwa n'ubuyobozi zigomba kubahirizwa mu guhagarika cyangwa gutanga inama zo kwirukana abanyeshuri bafite ubumuga hashingiwe kuri Gahunda y'uburezi bwihariye (IEP)/Sgice cya 504 kijyanye n'ubufasha na gahunda ya serivisi. Ntabwo bigomba kubuzwa ko umunyeshuri yirukanwa ku ishuri cyangwa muri bisi/imodoka z'ishuri habayeho ikibazo cyangwa ikibazo cyihutirwa cyangwa nk'uko biteganywa n'amategeko.

### **Ikinyabupfura ku bari muri porogaramu za PreK-3**

Bitewe n'urwego rw'imikurire, porogaramu za PreK-3 zishobora kuba zirimo kurumana, kukubita n'ibindi bibazo by'imyitwarire. Ni byiza ko umukozi ushinze inyubako, umubyeyi, umwishingizi cya ngwa uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko umukozi w'ifasi y'amashuri uboneye n'ibikorwa biha serivisi umuryango mugari bakorera hamwe kugira ngo bashyireho kandi bashyire mu bikorwa ingamba zo guhana zijyanye no gukorana n'abanyeshuri bakaze banagoranye kugenzura. Hanyuma, ni icyemezo cy'umuyobozi ushinze inyubako kuba yamenya uburyo buboneye kurushaho. Umuyobozi ushinze inyubako agomba gukoresha ingamba zo guhana zigamije gutuma habaho umutekano kuri bese.

*Ingamba z'inama y'ubuyobozi zo kutarangwa n'ivangura no kurwanya iteshamutwe zizanagera ku banyeshuri, abakozi, abasaba akazi, abatwaga n'abantu ku giti cyabo bakora ibikorwa by'ubucuruzi kandi zizareba ibyerekeye ibara ry'uruhu, igihugu cy'inkomoko, sitati y'ubwengegihugu, idini, igitsina umuntu akunda, aho uhagaze mu rwego rw'ubukungu, imyaka, ubumuga n'ibindi bitandukanye abantu.*

# Ingamba za JFCK -

## Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga

### Ibikoresho by'itumanaho

### bikoreshwa n'abanyeshuri

Ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite bishobora kuba ari uburyo busanzwe bwo kuvugana no kugera ku makuru muri sosiyete y'iki gihe. icyakora, ibyo bikoresho bishobora kuba byabangamira imikorere myiza y'amashuri y'ifasi. Ifasi y'amashuri yashyizeho izi ngamba kugira ngo hagenzurwe gutunga no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite mu nyubako z'amashuri, mu bikorwa biterwa inkunga n'ishuri cyangwa mu modoka z'ishuri. Ku mpamvu z'izi ngamba "Ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite" (PED) bisobanura igikoresho cy'umuntu ku giti cye gikoreshwa mu kuvugana hakoreshejwe amajwi, videwo cyangwa kwandikirana cyangwa ubundi bwoko bumeze nk'igikoresho kimeze nka mudasobwa.

#### **Ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite (PED) bishobora kuba birimo ariko bitagarukiye gusa ku:**

- Ibikoresho bisanzweho cyangwa bishya bikoresha sisitemu y'itumanaho rigendanwa n'ikoranabuhanga rigezweho (telefone zigendanwa, iPhone, simatifone, amasaha ya Apple n'ibindi)
- Ibikoresho by'ikoranabuhanga bifasha umuntu (PDA) (Ajenda z'ikoranabuhanga zo mu ntoki, mudasobwa zo mu mufuka n'ibindi)
- Sisitemu yo kwidagadura y'ibikoresho bigendanwa mu ntoki (imikino ya videwo, radiyo zicuranga CD, radiyo zicuranga DVD, radiyo zicuranga MP3, IPod, ekuteri n'ibindi)
- Ibikoresho bikoresha interineti bigendanwa (ibikoresho nyohereze zanyabutumwa bigendanwa, iPad n'ibindi)
- Ikoranabuhanga ryo mu ntoki ririhwo cyangwa riri kuza cyangwa sisitemu y'ikoranabuhanga ry'amakuru igendanwa mu ntoki ishobora gukoreshwa mu kunonozora amagambo, kugera kuri interineti nta mugozi, gufata amafoto/amashusho, gufata amajwi no kohereza amakuru/kuyakira/kuyabika n'ibindi. Nta ekuteri cyangwa ekuriter nto bacomeka mu matwi zemewe.

#### **A. Amashuri y'incuke n'abanza**

Abanyeshuri bashobora kuba bafite ibikoresho bya PED ariko bagomba **kubizimya** bakanabikugira **aho abantu bareba** muri za marete/amashakoshi cyangwa mu tubati. Amashuri yihariye uburenganzira bwo gufatira PED mu rwinjirira rw'inyubako cyangwa mu byumba by'amashuri. Ababyeyi bamenyeshwa iby'ibyo bikorwa. (PED) **ntizishobora** gukoreshwa n'abanyeshuri bagamije kubangama mu gihe bari guhamagara, kohereza ubutumwa bugufi, gufotora no gufata videwo cyangwa indi mikorere mu gihe cy'amasomo gisanzwe. Ababyeyi bahamagara ibiro bikuru kugira ngo bavugane n'abanyeshuri.

## B. Amashuri yisumbuye

Abanyeshuri bashobora kuba bafite ibikoresho bya PED ariko bagomba **kubizimya** bakanabikugura **aho abantu bareba** muri za marete/amashakoshi cyangwa mu tubati. Amashuri yihariye uburenganzira bwo gufatira PED mu rwinjirira rw'inubako cyangwa mu byumba by'amashuri. **Ibikoresho bya PED ntibikoresha mu byumba by'amashuri cyangwa muri za koridoro.** Abanyeshuri bashobora gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite gusa mu buryo bukurikira:

- 1.) Mbere na nyuma y'umunsi w'amasomo usanzwe
  - 2.) Mu gihe cyo gufata amafunguro ya saa sita
  - 3.) Nk'uko wabitegetswe n'umwarimu ku mpamvu zo kwiga; nta gushariza PED mu masaha yo kwiga
- Ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite ntibigomba gukoreshwa mu buryo ubwo ari bwo bwose butera ubwoba, butesha agaciro, buhoza ku nkeke cyangwa bukanga abanyeshuri, abakazi b'ishuri cyangwa abashyitsi cyangwa bikaba byaba ari kutubahiriza ingamba n'amabwiriza by'ifasi cyangwa amategeko y'aho uherereye, ya leta cyangwa y'igihugu. Abanyeshuri babujijwe koherereza, gusangiza, kureba cyangwa gutunga amafoto, ubutumwa bugufi, imeyiri cyangwa ibindi bigaragaza iby'imibonano mpuzabitsina ku bikoresho by'ikoranabuhanga bwite ku nyubako z'ishuri, mu bikorwa byatewe inkunga n'ishuri cyangwa mu modoka z'ishuri. Kandi, abanyeshuri babujijwe gukoresha kamera, imikorere yo gufata videwo cyangwa gufata amajwi n'amashusho bakoresheje ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite mu nyubako z'ishuri cyangwa mu bikorwa byatewe inkunga n'ishuri aho undi munyeshuri cyangwa umuntu ku giti cye aba yiteze kuba afite ubuzima bwite, harimo ariko bitagarukiye gusa mu biganiriro by'ubujyanama, ubwiherero, aho kwambarira n'ahandi.
  - Abanyeshuri bafite inshingano zo kurinda umutekano w'ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite bazanywe ku ishuri. Ifasi y'amashuri ntiryoze ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite byabuze, byibwe, byangiritse cyangwa byakoreshejwe ku buryo butatangiwe uburenganzira. Kandi, ifasi y'amashuri ntishobora kuryozwa n'umunyeshuri cyangwa umubyeyi, umwishingizi cyangwa uwahawe inshingano zo kurera umwana byemewe n'amategeko w'umunyeshuri ibirego, ibura, iyangirika, ibirego bikomatanyije, amafaranga akoreshwa cyangwa ibiguzi by'ubwoko bwose bikomoka cyangwa bifite aho bihuriye n'ikoreshwa cyangwa gutunga ibikoresho by'ikoranabuhanga bwite cy'umunyeshuri. Gushariza ibikoresho ku ishuri birabujijwe.
  - Ibindi bihano byo mu rwego rw'ikinyabupfura bishobora gutangwa byasobanuwe ahakurikira, umunyeshuri urenga kuri izi ngamba ashobora gufatirwa igikoresho cy'ikoranabuhanga bwite cye. Umukozi ukora mu nyubako wafashe PED ahita ayishyikiriza umuyobozi w'inubako. Umuyobozi w'inubako afatira PED kugeza mu gihe umubyeyi cyangwa umwishingizi w'umunyeshuri asabye randevu yo kuza kuyifata.
  - Kurenga kuri izi ngamba bimenyeshwa ubuyobozi bw'ifasi y'amashuri kandi kurenga ku mategeko bishobora gutuma abanyeshuri bafatirwa ibihano nk'uko byagenwe mu Mategeko ngengamytwarire uhereye ku rwego rwa I no ku zindi nzego. Iyo bikurikizwa, kurenga kuri izi ngamba bishobora gutuma uwabikoze ashyikirizwa urwego nyubahirizamategeko. Kandi iyo umunyeshuri ashobora kubuzwa gutunga igikoresho

cy'ikoranabuhanga bwite ku nyubako z'ishuri, mu bikorwa byatewe inkunga n'ishuri cyangwa mu modoka z'amashuri ya leta ya Dayton.

### **Kuryozwa ibikoresho by'ikoranabuhanga:**

- Abanyeshuri bazana telefone zigendanwa cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga ku ishuri ni bo bafite inshingano zo kubicungira umutekano w'ibyo bikoresho.
- Ishuri ntiryemera kuryozwa izo telefone zigendanwa cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga byabuze, byangiritse cyangwa byibwe ku ishuri cyangwa mu gihe cyo gukora ingendo aya cyangwa ava ku ishuri cyangwa mu bikorwa bitari mu ntanganyanyigisho.

*ICYITONDERWA: Izi ngamba n'amabwiriza ajyanye na yo birabonka.*

## **Gufata ushaka kurwana no kumutandukanye n'abandi**

Abarimu, abayobozi b'ishuri, abakozi n'abakozi batanga ubufasha babyemererwa n'amategeko yo gukoresha, mu rwego rw'akazi kabo, "ingano iboneye y'imbaraga no gufata uko bikwiye ndetse no guhosha abashaka kuganga gukomeretsa abandi, kubona intwari bitwaje cyangwa ibindi bintu byateza ibyago bifitwe n'uwo muntu cyangwa mu kugenzura umunyeshuri washakaga kwirwanaho cyangwa mu kurinda abantu cyangwa imitungo." Mu gihe imyitwarire y'uwo muntu igaragaza kuba yatera ubwoba bwo kwigirira nabi cyangwa abandi, abakozi batojwe bashobora gukoresha uburyo buboneye bwo gufata umunyeshuri ushaka guteza amahane cyangwa kumukura mu bandi hakurikijwe inzira zavuzwe mu Ngamba z'inama y'ubuyobozi y'ifasi y'amashuri ya JP. Ababyeyi bashobora gutanga ibirego byanditse bakabishyikiriza Umuyobozi w'ishuri umwana wabo yigaho kugira ngo hakorwe iperereza ku kirego rikorwa n'ifasi y'amashuri ku bijyanenye icyo kibazo cyo gufata umwana ushaka guteza amahane cyangwa kumuheza mu buryo budakwiye. Ifasi y'amashuri ikora iperereza ku birego byanditse nk'uko byagaragajwe mu Ngamba z'inama y'ubuyobozi y'ifasi y'amashuri ya JP.

<http://go.boarddocs.com/oh/dayton/Board.nsf/goto?open&id=C7PJQU4E57E7>

## **Gutera ubwoba**

Ifasi y'amashuri ya leta ya Dayton yiyemeje gutanga aho kwigira hatekanye, harangwa umwuka mwiza, hatanga umusaruro hakanungukirwa ubumenyi ku banyeshuri bose. Mu rwego rwo gushyigikira uku kwiyemeza, ibikorwa by'iteshamutwe, iterabwoba cyangwa gukanda umunyeshuri cyangwa umukozi birabujijwe ku buryo bukomeye kandi ntawo bizihanganirwa mu nyubako z'ishuri, muri bisi y'ishuri cyangwa mu bikorwa byatewe inkunga n'ishuri. Ku yandi makuru, reba Ingamba z'inama y'ubuyobozi y'ifasi y'amashuri [Itegeko rya JFCF | Itegeko rya JFCF-R].

<http://go.boarddocs.com/oh/dayton/Board.nsf/goto?open&id=BSBV927F96BF>

<http://go.boarddocs.com/oh/dayton/Board.nsf/goto?open&id=BMJPPG65936B>



Dayton Board of Education  
136 South Ludlow Street  
Dayton, Ohio 45402  
(937) 542-3000  
[www.dps.k12.oh.us](http://www.dps.k12.oh.us)  
[www.daytonpublic.com](http://www.daytonpublic.com)